

Amasomo

Mbonezamubano

Igitabo Cy'Umunyeshuri

Umwaka wa

3

W'Amashuri Abanza

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

ISHAKIRO

Umutwe wa mbere: Umuryango mugari

1. Kubahiriza inshingano mu muryango mugari 1
2. Gufata neza umutungo w'umuryango 9
3. Isuzuma risoza umutwe wa mbere 21

Umutwe wa kabiri: Umurenge wacu

1. Ibiranga Umurenge wacu 22
2. Ibintu by'ingenzi biri mu murenge wacu 34
3. Gufata neza umutungo w'ishuri 42
4. Gufata neza umutungo rusange mu murenge 48
5. Isuzuma risoza umutwe wa 2..... 54

Umutwe wa 3: Isuku

1. Isuku y'ishuri no ku ishuri n'akamaro kayo 55
2. Indwara zandura 61
3. Isuku y'imyanya ndangagitsina 67
4. Isuzuma risoza umutwe wa 3 70

Umutwe wa 4: Imibanire n'imyitwarire iboneye

1. Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu 71
2. Ubumuga 73
3. Imyitwarire iboneye y'abana mu bihe
bitandukanye n'ahantu hatandukanye 79
4. Isuzuma risoza umutwe wa 4 83

Umutwe wa 5: Ubukungu

1. Aho dukura amafaranga 84
2. Ibyo dutangaho amafaranga 86

3. Uburyo bwo kwizigamira	88
4. Akamaro ko kwiteganyiriza	90
5. Ingaruka zo kutizigamira	92
6. Isuzuma risoza umutwe wa 5.....	93

Umutwe wa 6: Ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge

1. Abayobozi b'Akagari	94
2. Abayobozi b'Umurenge	97
3. Uko abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho	100
4. Isuzuma risoza umutwe wa 6.....	104

Umutwe wa 7: Ibi dukikije mu murenge

1. Amerekezo	105
2. Ibi dukikije	111
3. Abaturage	120
4. Imirimo y'ingenzi ikorerwa mu murenge	129
5. Isuzuma risoza umutwe wa 7	133

Umutwe wa 8: Ubwikorezi n'itumanaho

1. Ubwikorezi mu murenge	134
2. Itumanaho mu murenge	144
3. Isuzuma risoza umutwe wa 8	148

Umutwe wa 9: Amateka

1. Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge wacu	149
2. Umurongo ndangagihe	150
3. Gukoresha umurongo ndangagihe	151
4. Isuzuma risoza umutwe wa 9	153

10. Urugero rw'isuzuma risoza umwaka wa gatatu

11. Inyunguramagambo

UMURYANGO MUGARI



Abana bamwe ntibazi inshingano z'abagize umuryango wabo. Bakora ibyo bashatse, basesagura umutungo w'iwabo, barasabiriza kandi bashukura mu baturanyi. Ubwo ibyo byose babiterwa n'iki?




1. KUBAHIRIZA INSHINGANO MU MURYANGO MUGARI

A. Inshingano z'abagize umuryango mugari

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku nshingano za buri muntu ugize umuryango mugari muri gahunda za Leta.

Nsobanukiwe ko:

Buri muntu ugize umuryango mugari afite inshingano zikurikira:

1. Kwitabira no gushyigikira gahunda za Leta zijyanye na:

a) Imibereho myiza:

- Ubwisungane mu kwivuza.
- Imirire myiza, kwita ku bidukikije.
- Isuku n'isukura...

b) Ubukungu n'iterambere:

- Gukorera mu mashyirahamwe no guhuza ubutaka.
- Imiturire myiza no gutanga imisoro.
- Uburezi kuri bose na Gira inka Munyarwanda.
- Guhinga no korora kijyambere.

c) Imiyoborere myiza:

- Kwitabira umuganda, ubudehe.
- Ubutabera n'amatora.

d) Umutekano:

- Gukora irondo no gutabarana.
- Gutanga amakuru ku bagizi ba nabi.

Igikorwa cya 3

Buri wese abwire bagenzi be inshingano ze ndetse n'iz'ababyeyi be.



Reka nisuzume

Gushyira abana mu ishuri bireba nde?



Nsuzuma ngusuzume

1. Gira inka Munyarwanda imariye iki abaturage?
2. Vuga ibintu by'ingenzi byateza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Imyitozo



1. Tanga ingero z'imirimo ukora mu rugo rwanyu.
2. Shyira buri gikorwa aho kigomba kujya:
 - Kugira isuku y'umubiri, iy'aho dutuye n'iy'imyambaro.
 - Kubahiriza amategeko.
 - Gushyira abana mu ishuri.
 - Gutera amashyamba no kurwanya isuri.
 - Kuboneza urubyaro.
 - Kugura no gukoresha ubwisungane mu kwivuza.
 - Gutanga umusoro.
 - Korora kijyambere.
 - Guharura imihanda no gutinda ibiraro.

Imibereho myiza	Ubukungu n'iterambere	Imiyoborere myiza

3. Vuga bimwe mu bikorwa biteza imbere Igihugu ababyeyi bawe bakora.

Umukoro

Nimugera mu rugo muganire n'ababyeyi mubabaze inshingano zanyu. Na bo bababwire izabo. Mubyandike muzabibwire abandi mugarutse mu ishuri.


Umukino

Mukine umukino wo kubaka umutemeri.

B. Ibyiza byo kubahiriza inshingano mu muryango mugari

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Buri wese abwire bagenzi be icyo yunguka iyo yubahirije inshingano ze neza.

Nsobanukiwe ko:

Iyo mu muryango mugari buri wese yujuje inshingano bituma:

- Bumvikana, bakabana mu mahoro, bagasangira.
- Bafatanya, bagashyira hamwe maze bakiteza imbere.
- Bashyigikirana mu bikorwa binyuranye.
- Batabarana iyo habaye ibyago, bagasurana.
- Bafasha Leta kubona amafaranga yo kubagezaho ibikorwa remezo nk'imihanda, amashuri, amavuriro, amazi, amashanyarazi, ...

Twiyemeje ko:

Tuzajya twubahiriza inshingano zacu kandi tubikangurira bagenzi bacu batazubahiriza uko bikwiye.



Reka nisuzume

1. Vuga ibintu 2 bigaragaza akamaro ko kuzuza inshingano mu bagize umuryango mugari.
2. Sobanura ibibi byo kudatanga umusoro.



Nsuzuma ngusuzume

1. Ni iki kigaragaza ko abagize umuryango mugari bashyize hamwe?
2. Sobanura ibiranga abantu buzuza inshingano zabo.

Imyitozo

1. Leta ivana hehe amafaranga yo kugeza ibikorwa remezo ku baturage?
2. Huza inshingano n'akamaro kazo:
 - a. Kwishyura imisoro
 - b. Kwishyura mituweri
 - c. Kuboneza urubyaro
 - d. Kwita ku bidukikije
 - e. Gutabara abaturanyi
 1. Umuryango ubona ibiwutunga.
 2. Bigabanya ibiza.
 3. Leta yubaka ibikorwa remezo.
 4. Kwivuza kuri buri wese.
 5. Umutekano urasagamba.

Umukoro

Muganire n'ababyeyi mubabaze akamaro ko kuzuza inshingano zanyu. Na bo bababwire akamaro ko kuzuza izabo. Mubyandike muzabibwire bagenzi banyu.



Umukino

Mukine umukino wo gufata umurizo w'ikirura.

C. Ingaruka mbi zo kutubahiriza inshingano mu muryango mugari

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Buri wese abwire bagenzi be ibibi yaba yaragize bitewe no kutuzuzza inshingano ze.

Nsobanukiwe ko:

Kutuzuzza inshingano mu muryango bigira ingaruka zikurikira:

- Abagize umuryango ntibafashanya bikabatera ubukene.
- Ntibumvikana, ntibatabarana, bagira umutekano muke.
- Kudafata neza ibidukikije bikurura indwara ziterwa n'umwanda nka korera, macinyamyambi na malariya.
- Kutitabira gahunda za Leta bituma Umurenge udatara imbere.

Igikorwa cya 3

Buri wese abwire bagenzi be ibyabaye ku muryango azi bitewe n'uko ababyeyi batujuje inshingano zabo.

Twiyemeje ko:

Tuzirinda ingaruka zose zo kutubahiriza inshingano:

- Dukora ibyo dusabwa gukora.
- Dukangurira abatazubahiriza kuzubahiriza.



Reka nisuzume

Subiza yego cyangwa oya

- Gusibya abana ishuri n'amasomo ni byiza.
- Si byiza guhururiza umuntu uhungabanya umutekano.
- Ni byiza kuvana abana mu ishuri bagakora imirimo.
- Gufata neza ibidukikije birinda ababituriye indwara.
- Umuturage mwiza ni utishyura imisoro.
- Umwana mwiza ni ufasha ababyeyi imirimo.
- Umuturage mwiza ni utitabira umuganda n'ubudehe.
- Kutagira mituweri bishobora gutuma urembera mu rugo.



Nsuzuma ngusuzume

- Sobanura ibiranga abantu batuzuza inshingano zabo.
- Ni izihe ngaruka abagize umuryango bahura na zo ziterwa no kudafata neza ibidukikije?

Imyitozo

- Vuga ingaruka zaterwa no kutubahiriza inshingano zikurikira:
 - Kutishyura imisoro.
 - Kutagira ubwishingizi bw'indwara.
 - Kudakora umuganda.

- d. Kudakorera mu mashyirahamwe.
 - e. Kutohereza abana ku ishuri.
2. Ni iki gishobora kuba hagati y'abagize umuryango mugari igihe bose batubahiriza inshingano zabo?
 3. Shaka amagambo ari muri uru rusobe agaragaza ibyiza byo kuzuza inshingano n'ibibi byo kutazuzuzwa ubitondeke mu mbonerahamwe.

k	u	r	w	a	r	a	g	g	u	r	i	k	a
u	m	u	t	u	z	o	u	w	u	f	t	u	m
a	m	a	h	a	n	e	s	y	m	g	e	r	a
a	d	g	j	m	p	t	a	z	u	h	r	u	h
k	w	i	h	e	b	a	b	a	n	i	a	k	o
b	e	h	k	n	r	u	i	b	e	j	m	u	r
u	b	u	z	e	r	e	r	e	z	i	b	n	o
c	f	i	l	o	s	v	i	c	e	k	e	d	r
u	r	w	a	n	g	o	z	d	r	l	r	o	p
u	b	u	k	i	r	e	a	e	o	m	e	n	o

Ibyiza byo kuzuza inshingano mu muryango mugari.

Ibibabi byo kutuzuzwa inshingano mu muryango mugari.

Umukoro

Muze kuganira n'ababyeyi banyu ibibi byo kutuzuzwa inshingano zabo mu muryango mugari. Muzabiganirire abandi mu ishuri.

Umukino

Mukine:



- a. Mwigana abantu buzuzwa inshingano zabo mu muryango.
- b. Mwigana abatuzuzwa inshingano zabo mu muryango.

2. GUFATA NEZA UMUTUNGO W'UMURYANGO

A. Ibigize umutungo w'umuryango

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Buri wese abwire bagenzi be umutungo wimukanwa iwabo batunze.

Nsobanukiwe ko:

Umutungo w'umuryango ugizwe n'umutungo wimukanwa n'umutungo utimukanwa.

Umutungo wimukanwa ni umutungo ushobora guterurwa cyangwa kwimurwa ukavanwa aho uri ukajyanwa ahandi.

Ingero: ibikoresho byo mu nzu no mu gikoni, ibyo mu busitani no mu murima, amatungo, imodoka, igare, ipikipiki ...

Umutungo utimukanwa ni umutungo udashobora guterurwa cyangwa kwimurwa aho uri.

Ingero: inzu n'imirima...

Igikorwa cya 3

Buri wese abwire bagenzi be umutungo utimukanwa iwabo batunze.



Reka nisuzume

1. Vuga ibintu by'ingenzi bigize umutungo w'umuryango.



Nsuzuma ngusuzume

1. Sobanura itandukaniro riri hagati y'umutungo wimukanwa n'umutungo utimukanwa.

Umwitozo



Koresha iyi mitungo: intebe, umurima w'ibigori, ikibanza, igikoni, igitanda, radiyo, ubwiherero, imbabura, akabati, imyenda, inzu nini, ishyamba, igorofa (umuturirwa), igikapu, amashuka hanyuma wuzuze imbonerahamwe ikurikira.

Umutungo utimukanwa	Umutungo wimukanwa

B. Akamaro k'umutungo w'umuryango

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Bwira abandi akamaro k'umutungo w'umuryango uzi.

Umutungo	Akamaro kawo
Imirima	Turayihinga maze tukayivanamo ibidutunga.
Inzu	Tuyikoreramwo, tukayibamo ikaturinda izuba, imvura, abajura n'inyamaswa zatugirira nabi.
Tereviziyo	Tuyireberaho amakuru, firimi, ibiganiro, indirimbo n'amatangazo.
Intebe	Tuzicaraho.
Radiyo	Tuyumviraho amakuru, indirimbo n'ibiganiro.
Imyenda	Turayambara tukaberwa ikaturinda n'imbeho yadutera indwara.
Ameza	Tuyariraho, duterekaho ibyo kunywa ndetse tukanayandikiraho.
Igitanda	Tukiryamaho.
Ibikoreshe byo mu gikoni	Bidufasha gutegura ibiryo, ibinyobwa no gusukura ibyo twaririyeho.



Reka nisuzume

Vuga umutungo w'umuryango ukurinda ibi bikurikira:

- | | |
|---------------|---------------------|
| a. Irungu: | d. Abagizi ba nabi: |
| b. Umunaniro: | e. Izuba n'imvura: |
| c. Inzara: | |



Nsuzuma ngusuzume

Ca akaziga ku bintu bitari umutungo w'umuryango:

- | | | |
|--------------------------------|-------------|----------------------|
| a. Amatungo | h. Imodoka | i. Umuhanda |
| b. Umugezi | i. Ikiyaga | m. Inzu |
| c. Umurima | j. Ikibanza | o. Igishanga |
| d. Isoko | k. Sitade | p. Ikibuga cy'indege |
| e. Ikigo nderabuzima. | | |
| f. Urugomero rw'amashanyarazi. | | |
| g. Ibikoresho byo mu gikoni. | | |

Umwitozo

Huza buri mutungo w'umuryango n'akamaro kawo:

- | | |
|-------------------------------|-----------------------------|
| a. Akabati | 1. Guhinga no kubagara. |
| b. Ikibanza | 2. Gukata ibyatsi birebire. |
| c. Ishyamba | 3. Gutwara abantu n'ibintu. |
| d. Insina | 4. Cyubakwaho inzu. |
| e. Imodoka | 5. Kabikwamo ibikoresho. |
| f. Ibikoresho byo mu busitani | 6. Rivamo imbaho n'inkwi. |
| g. Ibikoresho byo mu murima | 7. Zitanga ibitoki. |



Umukoro

Nimugera mu rugo murebe ko hari ibindi bintu bigize umutungo w'urugo mutize mu ishuri. Mubyandike n'akamaro kabyo muzabiganirire abandi mu ishuri.

C. Imikoreshereze n'imirungire iboneye y'umutungo w'umuryango

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku kamaro ko gukoresha neza umutungo w'umuryango.

Nsobanukiwe ko:

Iyo ufashe neza ibigize umutungo w'umuryango biraramba ukazabikoresha igihe kirekire. Iyo ukoresheje neza umutungo w'umuryango utawusesagura uwukoresha igihe kirekire ukakugirira akamaro ndetse n'abo muwufatanyije.

Uko umutungo w'umuryango ukwiye gukoreshwa no gucungwa

Umutungo	Imikoreshereze n'imicungire yawo
Inzu	Kutayurira, kutayiteraho umupira, kutanduza amarangi no kuyisukura buri gihe.
Imodoka	Kuyigenzura mbere yo kuyitwara, kutayishwaratura, kutayikuramo umwuka, kutayitega imisumari.
Ishyamba	Kurikonorera, kuririnda inkongi n'isuri no kurisarura ryeze ubiherewe uruhushya.
Ibikoresho byo mu nzu	Kubihanagura no kubikoresha icyo byagenewe gusa.
Ibikoresho byo mu gikoni	Kubyoza, kubihanagura, kutabyandarika no kubibika mu kintu gisukuye.
Ibikoresho byo mu busitani no mu murima	Kubikuraho ubutaka, kubihanagura, kubityaza, kutabyandarika no kubibika ahantu humutse kugira ngo bidafatwa n'umugese.
Imyambaro	Kuyimesa, kuyitera ipasi no kuyibika neza.
Imirima	Kuyirinda isuri, kutayiragiramo no kuyifumbira.



Reka nisuzume

- Vuga ibintu by'ingenzi byangiza umutungo w'umuryango ukurikira:
 - Imirima:
 - Inzu:
 - Ishyamba:
 - Ibikoresho bikoze mu cyuma.
- Sobanura akamaro ko gufata neza umutungo w'umuryango.



Nsuzuma ngusuzume

Wakora iki kugira ngo ucunge neza umutungo w'umuryango ukurikira?

- | | |
|---------------------------|-----------------------------|
| a. Imodoka | d. Imirima |
| b. Ibikoresho by'ubuhinzi | e. Ibikoresho byo mu gikoni |
| c. Imyambaro | f. Amatungo |

Umwitozo



Uzuza iyi mbonerahamwe.

Umutungo	Akamaro	Imikoreshereze/ Imicungire
Ameza		
Igitanda		
Ishyamba		
Igorofa		
Imyenda		
Ibikoresho by'isuku		
Inka		
Imodoka		
Ibiti by'imbutu		

Umukoro



Nimugera mu rugo murebe ibintu bigize umutungo w'urugo rwanyu. Muganire n'ababyeyi ku buryo bwo kubikoresha no kubicunga neza.

Muzabiganirire bagenzi banyu mu isomo rikurikiraho.

D. Ibibi byo gukoresha no gucunga nabi umutungo w'umuryango

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Nsobanukiwe ko:

Iyo umutungo w'umuryango ukoreshejwe cyangwa ucunzwe nabi wangirika vuba bigateza umuryango igihombo.

Igikorwa cya 2

Muganire ku bibi byo gukoresha no gucunga nabi umutungo w'umuryango.

Twiyemeje ko:

Tuzajya twirinda gukora ibikorwa bibi bikurikira:

- Kumena, gusharatura no kwanduza inzugi n'amadirishya.
- Kwicunda no kubyinira ku bitanda no ku ntebe.

- Kuvunagura ibiti, indabo no kwangiza imyaka.
- Kwandarika no kuraza hanze ibikoresho ibyo ari byo byose byakwibwa.
- Kudatera ibintu ku mabati.
- Kutamenagura ibikoresho bimeneka.



Reka nisuzume

1. Sobanura ingaruka ziterwa no gukoresha nabi umutungo w'umuryango.
2. Tanga ingero 2 zigaragaza uko abana basesagura umutungo w'umuryango.



Nsuzuma ngusuzume

Subiza yego cyangwa oya:

- a. Iyo ubyinira ku gitanda uba uri kwangiza umutungo w'umuryango.
- b. Iyo wanuye ibikoresho byose uba wangiza umutungo w'umuryango.
- c. Gusukira indabo n'ibiti byo mu busitani ni ugusesagura amazi.
- d. Gushushanya ku nkuta z'inzu ni ugufata neza umutungo w'umuryango.
- e. Kwiyarurira ibiryo byinshi ntubimare ukabimena uba usesagura umutungo w'umuryango.

Imyitozo



1. Kuki dusabwa gukoresha no gucunga neza umutungo w'umuryango?
2. Wakora iki usanze abavandimwe bawe bari kwangiza umutungo w'umuryango wanyu?
3. Tanga ingero z'ibintu abana bakunze gusesagura mu rugo.

Umukoro

Nimugera mu rugo murebe ibintu bigize umutungo w'urugo rwanyu. Muganire n'ababyeyi banyu ku bibi byo kubikoresha no kubicunga nabi. Muzabibwire bagenzi banyu mu isomo rikurikiraho.


Umukino

Mukine mwerekana abana bafata umutungo neza.

E. Ibyiza byo kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'umuryango

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Vuga ibyiza byo kunyurwa n'umutungo w'umuryango.

Nsobanukiwe ko:

Kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'umuryango bituma hatabaho ibi bikurikira:

- Ubujura
- Akagambane
- Gusabiriza
- Kwifuza
- Kwikanyiza
- Kwiheba
- Ishyari
- Kwikubira
- Kwisuzugura

Kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'umuryango bituma habaho ibi bikurikira:

- Umunezero
- Kwihesha agaciro
- Umutekano
- Kugira ikerekezo
- Ubufatanye
- Kwiubaha
- Kwigirira ikizere
- Kwiteza imbere
- Kudasamara

Igikorwa cya 3

Buri wese abwire bagenzi be ibyiza byo kunezezwa n'umutungo w'umuryango we.

Twiyemeje ko:

- Tugiye kujya tunyurwa kandi tunezezwe n'umutungo w'imiryango yacu.
- Tuzajya twirinda gushukura no gusabiriza ibyo iwacu tudatunze.

Igikorwa cya 4

Buri wese avuge ibyiza byo kunyurwa no kunezezwa n'ibikoresho by'ishuri atunze atagendeye ku byo bagenzi be batunze.



Reka nisuzume

1. Vuga zimwe mu ngaruka mbi zishobora guterwa no kutanyurwa cyangwa kutanezezwa n'ibyo iwanyu mutunze.
2. Sobanura impamvu kunyurwa no kunezezwa n'ibyo iwanyu mutunze ari ngombwa?



Nsuzuma ngusuzume

1. Ni iki kiranga umuntu unyuzwe n'ibyo atunze?
2. Ni iki kiranga umuntu utanyuzwe n'ibyo atunze?

Imyitozo



1. Kuki ari byiza kunyurwa n'ibyo iwanyu mutunze?
2. Kunyurwa n'ibikoresho by'ishuri ufite bikumariye iki?
3. Kunyurwa no kunezezwa n'ibiryo wazanye ku ishuri n'ibyo kurya mu kiruhuko bikurinda iki?
4. Soma iyi nkuru uhitemo amagambo agaragaza ko uvugwa mu nkuru anezezwa cyangwa atanezezwa n'ibyo iwabo batunze.

Musana iyo ari ku ishuri akunda gutira bagenzi be isaha yo kwambara. Mu gihe k'ikiruhuko akunda kuzerera agenda agenzura ibiryo bagenzi be bazanye kandi na we afite ibye. Mutesi we ahora ashyize imbere kwiga no gutsinda ntabwo yiba ibikoresho bya bagenzi be nk'abandi bigana. Akoresha neza ibintu bye kandi akabifata neza.

Umukoro

Nimugera mu rugo muganire n'ababyeyi banyu ibyiza byo kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'umuryango wanyu. Muzabiganirire bagenzi banyu mu isomo rikurikiraho.

Dukine

Muhimbe agakino k'abana banyurwa n'ibyo iwabo bafite n'abandi batanyurwa.

3. Isuzuma risoza umutwe wa 1

1. Tanga ingero 3 z'inshingano:
 - a. Wuzuza iwanyu mu rugo.
 - b. Ababyeyi bawe buzuzaza ziteza imbere Igihugu.
2. Subiza yego cyangwa Oya
 - a. Kubahiriza amategeko biri mu miyoborere myiza.
 - b. Gushyira abana mu ishuri biri mu mutekano.
 - c. Gutera amashyamba no kurwanya isuri biri mu bukungu.
 - d. Kuboneza urubyaro, kwishyura no gukoresha ubwisungane mu kwivuzaza biri mu mibereho myiza.
3. Vuga akamaro k'ibintu bikurikira:
 - a. Gutanga imisoro.
 - b. Kubungabunga ibidukikije.
4. Tahura mu rusobe amagambo avugaza ibi bikurikira:
 - a. Umutungo no kuwucunga neza.
 - b. Ingaruka zo kutanyurwa n'ibyo iwanyu batunze.

u	b	u	z	e	r	e	r	e	z	i
m	a	b	a	a	g	k	a	a	g	a
u	b	u	m	b	u	u	g	a	u	A
s	c	s	a	c	t	z	u	m	h	m
o	d	a	t	d	e	i	s	a	a	a
r	e	m	u	e	r	g	a	s	n	z
o	f	b	n	f	a	a	b	h	g	u
k	u	o	g	g	i	m	i	y	a	g
h	h	p	o	h	b	a	r	a	y	i
i	i	i	o	i	i	i	i	m	i	n
i	t	a	r	a	t	o	z	b	k	k
i	i	m	i	r	i	m	a	a	a	a

UMURENGE WACU



Ruteja ntazi ibiranga Umurenge atuyemo n'uw'ishuri rye ryubatsemo. Nta hantu na hamwe yabasha kurangira umuntu n'iyoyayabasha kuranga aho iwabo batuye ngo bamuyobore. Abandi batabishoboye nka we wabafasha iki?




1. IBIRANGA UMURENGE WACU

A. Ibidukikije biranga Umurenge wacu

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Nsobanukiwe ko:

Umurenge uwo ari wo wose uba urimo ibintu bitandukanye biwuranga bityo ukagira itandukaniro n'iyindi mirenge. Muri ibyo bintu harimo ibidukikije n'ibikorwa remezo.

a. Ibidukikije

Ingero:

- Imigezi
- Ibibaya
- Imisozi
- Ibiyaga
- Ibishanga
- Amashyamba

b. Ibikorwa remezo:

Ingero:



- Amashuri
- Ibitaro/Ivuriro
- Ivomo rusange
- Ibibuga by'imikino
- Isoko
- Ikibuga k'indege
- Ibiro by'utugari
- Insengero
- Amabanki
- Inganda
- Imihanda

Igikorwa cya 2

Mutembere hanze y'ikigo mwigamo. Muge kwitegereza ibiranga Umurenge ishuri ryanyu ryubatsemo.

Igikorwa cya 3

Itegereze aya mashusho uvuge ibiranga Umurenge wo mu mug. Ubigereranye n'ibiranga uwo mu cyaro.





Reka nisuzume

1. Tanga ingero z'ibintu biranga imirenge yo mu cyaro bitaboneka mu mirenge yo mu mugi.
2. Sobanura itandukaniro riri hagati y'ibidukikije n'ibikorwa remezo.



Nsuzuma ngusuzume

1. Ni iki kiranga Umurenge mutuyemo?
2. Ni iki kiranga Umurenge munyuramo muva cyangwa mujya ku ishuri ?
3. Ni iki kiranga imirenge ihana imbibi n'Umurenge mutuyemo?

Imyitozo

1. Vuga ibintu by'ingenzi biranga Umurenge w'ishuri ryanyu.
2. Vuga ibintu biranga imirenge ituranye n'uw'ishuri ryanyu.
3. Tanga ingero z'ibintu biranga imirenge yo mu mugi bitaboneka mu mirenge yo mu cyaro.
4. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Mu murenge dutuyemo hari ikibuga k'indege.
 - b. Mu murenge wacu harimo inzu ndangamurage.
 - c. Ishuri ryacu ryubatse mu mudugudu w'ikitegerereze.
 - d. Ibikorwa remezo ni ibintu byose biboneka mu murenge bidufasha kubona ibyo dukeneye.
 - e. Ibidukikije ni ibintu byose biboneka aho dutuye cyangwa tunyura.

B. Ikarita y'Akarere kacyi n'imirenge ikagize

Igikorwa cya 1

Itegereze ikarita y'Akarere ka Gasabo n'imirenge ikagize uvuye ibyonyibonaho.

Ikarita y'Akarere ka Gasabo



Igikorwa cya 2

Itegereze iyi karita muvuye imirenge igize Akarere ka Gasabo.

Igikorwa cya 3

Mutanguranwe kwerekana igisubizo ku ikarita.

Vuga Imirenge abantu bakurikira batuyemo.

- a. Nyiramwiza atuye mu murenge wa Gikomero.
- b. Ganza atuye mu murenge wa Ndera.
- c. Mutesi atuye mu murenge wa Remera.
- d. Mababa atuye mu murenge wa Kacyiru.
- e. Mutavu atuye mu murenge wa Kimironko.

Igikorwa cya 4

Itegereze ikarita y'Akarere ka Gasabo. Vuga imirenge ihana imbibi n'Umurenge wa Gikomero.

Nsobanukiwe ko:

- Akarere kagizwe n'imirenge myinshi.
- Imirenge na yo igizwe n'utugari twinshi.
- Igihugu cyacu kigabanyijemo uturere 30, na two tugabanyijemo imirenge 416.

Igikorwa cya 5

Itegereze Ikarita y'Akarere ishuri ryanyu ryubatsemo. Ereka Umurenge riherereyemo.

Igikorwa cya 6

Itegereze Ikarita y'Akarere ishuri ryanyu ryubatsemo. Vuga imirenge ihana imbibi n'uw'ishuri wigaho.



Reka nisuzume

Tondeka izi nzego z'ubuyobozi: Akarere, Akagari, Umurenge, Umudugudu.

- a) Uhereye ku rwego ruto ujya ku runini.
- b) Uherereye ku rwego runini ujya ku ruto.



Nsuzuma ngusuzume

Uzuza izi nteruro

- Urwego ruto mu nzego z'ibanze ni _____.
- Akagari kamwe kaba kagizwe n'_____ myinshi.
- Imidugudu myinshi ikora _____kamwe.
- Umurenge umwe uba ugizwe n'_____ twinshi.
- Ishuri ryacu ryubatse mu murenge wa _____.
- Utugari twinshi dukora _____umwe.

Imyitozo



- Mufatanye gushaka amazina y'inzego z'ubuyobozi zigize Igihugu cyacu.

a	k	a	r	e	r	e	a	u
i	m	i	f	y	i	v	k	m
g	k	i	l	u	q	u	a	u
i	j	r	m	m	g	i	g	r
h	i	a	n	u	r	n	a	e
u	h	g	d	f	s	t	r	n
g	g	u	o	y	t	T	i	g
u	m	t	p	i	u	r	s	e
u	m	u	d	u	g	u	d	u

- Uzuza izi nteruro

- Ntuye mu karere ka_____, mu murenge wa_____.
- Ishuri ryacu ryubatse mu karere ka_____.
- Akarere kamwe kagabanyijemo _____ myinshi.
- Akagari kamwe kagabanyijemo _____ myinshi.
- Imirenge myinshi ikora _____ kamwe.
- Utugari twinshi dukora _____ umwe.
- Umurenge umwe ugabanyijemo _____ twinshi.
- Imidugudu myinshi ikora _____ kamwe.


C. Ikarita y'Umurenge wacu n'utugari twugize

Igikorwa cya 1

Itegereze iyi karita y'Umurenge wa Gikomero.

Vuga umubare n'amazina y'utugari twugize.

Ikarita y'Umurenge wa Gikomero



Nsobanukiwe ko:

Umurenge wa Gikomero ugizwe n'utugari 5.

Uwase yiga mu kigo cy'amashuri abanza cya Gicaca, yubatse mu mudugudu wa Gicaca, Akagari ka Gicaca, Umurenge wa Gikomero, Akarere ka Gasabo mu Muji wa Kigali.

Igikorwa cya 2

Itegereze ikarita y'Umurenge wa Gikomero maze uvuge utugari duhane imbibi n'Akagari Uwase yigamo.

Igikorwa cya 3

Itegereze ikarita y'Umurenge ishuri wigamo riherereyemo. Vuga umubare n'amazina y'utugari twugize.

Igikorwa cya 4

Itegereze ikarita y'Umurenge ishuri mwigamo riherereyemo. Vuga Utugari duhana imbibi n'Akagari ishuri ryanyu riherereyemo.

Imyitozo

Uzuza izi nteruro

- Ishuri ryacu ryubatse mu mudugudu wa ____, Akagari ka ____, Umurenge wa ____, Akarere ka ____.
- Iwacu dutuye mu mudugudu wa ____, Akagari ka ____, Umurenge wa ____, Akarere ka ____.


Umukoro

Nugera mu rugo ubaze ababyeyi utugari dukikije ako mutuyemo ubyandike maze uzabibwire abandi.


D. Gutandukanya ikarita n'igishushanyo

Igikorwa cya 1

Itegereze ikarita y'Umurenge wa Gikomero n'igishushanyo cy'ahantu uvuge itandukaniro ryabyo.



Ikarita y'Umurenge wa Gikomero



Igishushanyo cy'ahantu

Igikorwa cya 2

Muganire ku itandukaniro riri hagati y'ikarita n'igishushanyo.

Nsobanukiwe ko:

- Ikarita ni ishusho y'ahantu nk'Igihugu, Intara, umugi, Akarere, Umurenge, Akagari cyangwa Umudugudu yashushanyijwe hakoreshejwe ihindurangano.

Ikarita iba iriho ibi bikurikira:

1. **Izina ry'aho yerekana**
 2. **Ihindurangano:** Ni uburyo bwo guhindura ingano y'ahantu ikarita yerekana hakagira ibipimo bito bituma hashobora gushushanywa ku rupapuro.
 3. **Amerekezo** (amajyepfo, amajyaruguru, iburasirazuba n'iburengerazuba)
 4. **Ibimenyetso n'amabara** biranga ibintu by'ingenzi biri aho ikarita yerekana
- Igishushanyo ni ishusho y'ahantu iri ku rupapuro rwashushanyijweho hakoreshejwe ibikoresho byo gushushanya.
Igishushanyo kiba kiriho imihanda, amazu...
Nta hindurangano riba riri ku gishushanyo.

Igikorwa cya 3

Mubare amakarita ari mu gitabo. Mubare n'amashusho. Muhereye ku rupapuro rwa mbere mugeze ku rupapuro rwa 40. Maze mubigeho impaka murebe ababikoze neza.



Reka nisuzume

1. Ni ayahe merekezo agaragara ku ikarita?
2. Ibintu by'ingenzi ikarita yerekana bigaragazwa n'iki?



Nsuzuma ngusuzume

1. Ni iki gikoreshwa kugira ngo ahantu hanini cyane nk'Umurenge hashobore gushushanwa ku rupapuro kandi ari ruto.
2. Ni iki kikubwira ko ikarita uri gusoma ari yo ?

Imyitozo




1. Vuga ibintu by'ingenzi ikarita igomba kuba ifite.
2. Sobanura ijambo: Ihindurangano.
3. Sobanura itandukaniro riri hagati y'ikarita n'igishushanyo.

E. Imirenge ihana imbibi n'Umurenge wacu

Igikorwa cya 1

Itegereze iyi karita uvuge imirenge igize Akarere ka Gasabo

Ikarita y'Akarere ka Gasabo



Igikorwa cya 2

Mwongere mwitegereze ikarita y'Akarere ka Gasabo.
Muvuge imirenge yose ihana imbibi n'Umurenge wa Kinyinya.

Nsobanukiwe ko:

Gwiza yiga mu mwaka wa gatatu. Atuye mu murenge wa Bumbogo, Akarere ka Gasabo mu muji wa Kigali.

Umurenge wa Bumbogo uhana imbibi n'imirenge ikurikira:

- Mu majyepfo: Umurenge wa Ndera n'Umurenge wa Kimironko.
- Mu majyaruguru: Umurenge wa Rutunga n'uwa Nduba
- Iburasirazuba: Umurenge wa Ndera, uwa Gikomero n'uwa Rutunga.
- Iburengerazuba: Umurenge wa Kinyinya n'uwa Nduba.

Igikorwa cya 3

Itegereze ikarita y'Akarere ishuri wigamo riherereyemo maze ukore ibi bikurikira:

- a. Vuga imirenge igize Akarere kanyu.
- b. Erekena Umurenge ishuri ryanyu riherereyemo.
- c. Erekena Umurenge utuyemo ku ikarita.

Igikorwa cya 4

Koresha ikarita y'Akarere ishuri wigamo ryubatsemo.
Vuga imirenge ihana imbibi n'uw'ishuri ryanyu.

Igikorwa cya 5

Mushushanye ikarita y'Umurenge ishuri ryanyu ryubatsemo.
Maze muzishyire hamwe muhitemo izishushanyije neza.
Muzimanike mu ishuri.



Reka nisuzume

1. Vuga utugari duhana imbibi n'Akagari utuyemo:
 - a. Mu majyaruguru:
 - b. Iburasirazuba:
 - c. Mu majyepfo:
 - d. Iburengerazuba:
2. Vuga imirenge ihana imbibi n'Umurenge utuyemo:
 - a. Mu majyaruguru:
 - b. Iburasirazuba:
 - c. Mu majyepfo:
 - d. Iburengerazuba:



Nsuzuma ngusuzume

1. Vuga aho ishuri wigamo riherereye.
2. Vuga aho urugo rw'iwanyu ruherereye.

Umwitozo

Uzuza izi nteruro:

1. Ishuri ryacu ryubatse mu murenge wa ____ uhana imbibi n'Umurenge wa ____ mu majyarugu, Umurenge wa ____ mu majyepfo, Umurenge wa ____ iburasirazuba n'Umurenge wa ____ iburengerazuba.
Umuyobozi w'Umurenge wanyu yitwa ____.
2. Vuga utugari duhana imbibi n'Akagari ishuri ryanyu ryubatsemo.
3. Vuga utugari tugize Umurenge ishuri ryanyu ryubatsemo.
4. Iyo ushaka kuranga imirenge ihana imbibi n'uwo ishuri ryawe ryubatsemo ukoresha ayahe merekezo?

Umukoro



Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi izina ry'Umurenge mutuyemo n'amazina y'imirenge bihana imbibi muzabibwire abandi.

2. IBINTU BY'INGENZI BIRI MU MURENGE WACU

A. Ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu

Igikorwa cya 1

Mwitegereze amashusho muvuge ibyo muyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri rugamije gutembera mu murenge ishuri ryubatsemo. Mugende mureba ibintu by'ingenzi biwubonekamo.

Igikorwa cya 3

Nimuva mu rugendoshuri buri wese avuge ibintu by'ingenzi yabonye. Maze mukore urutonde rwabyo.

Nsobanukiwe ko:

Ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu ari:

- | | | |
|---------------------|-------------|---------------------|
| – Imirima | – Imigezi | – Amashuri |
| – Amashyamba | – Imisozi | – Amavuriro |
| – Amazu atuwemo | – Ibibaya | – Imihanda |
| – Amazu y'ubucuruzi | – Ibiyaga | – Amasoko |
| – Amazu y'ubuyobozi | – Ibishanga | – Ibigo nderabuzima |

Imyitozo



1. Uzuza imbonerahamwe ikurikira:

Ibintu by'ingenzi biboneka mu mirenge yo mu cyaro	Ibintu by'ingenzi biboneka mu mirenge yo mu mug

2. Vuga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge utuyemo.
3. Vuga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo.
4. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Mu mirenge yose habamo ibiyaga.
 - b. Ibiro by'Umurenge n'iby'Akagari ni ahantu h'ingenzi haboneka mu murenge.
 - c. Imidugudu y'ikitegerereze ni kimwe mu bintu by'ingenzi buri murenge usabwa kugira.
 - d. Ibikorwa remezo ni ibintu by'ingenzi biboneka mu mirenge yo mu muji gusa.


Umukoro

Mu nzira mucamo muza cyangwa muva ku ishuri mugende mwitegereza ibintu biboneka mu murenge mutuyemo. Mubibaze ababyeyi mubyandike maze muzabiganirire abandi.

B. Akamaro ka bimwe mu bintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu.

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku kamaro k'ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge mwakozemo urugendoshuri hanyuma mubigeho impaka mu ishuri.

Nsobanukiwe ko:

Ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu n'akamaro kabyo bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

Ibiboneka mu murenge	Akamaro kabyo
Imirima	– Ihingwamo ibihingwa bidutunga.
Amashyamba	– Avamo imbaho, inkwi n'amakara, akurura imvura kandi akaturinda isuri.
Amaduka	– Tuyahahiramo.
Imigezi n'ibiyaga	– Biduha amazi, amafi n'amashanyarazi.
Ibiro by'ubuyobozi	– Tuhafatira ibyangombwa Bahakemurira ibibazo by'abaturage.
Ibibaya n'ibishanga	– Tubihingamo ibihingwa bisaba amazi menshi ndetse n'imboga mu gihe k'izuba.
Amazu atuwemo	– Aturinda inyamaswa, ubukonje, izuba ryinshi, imvura n'ibintu byatugirira nabi.
Imihanda	– Ifasha mu bwikorezi bw'abantu n'ibintu.

Igikorwa cya 3

Vuga ibindi bintu by'ingenzi bitavuzwe mu mbonerahamwe biboneka mu murenge wanyu n'akamaro kabyo.



Reka nisuzume

Ibintu bikurikira bimariye iki abatuye mu murenge :

- Imigezi n'ibiyaga:
- Ibibaya n'ibishanga:
- Ibiro by'Umurenge:
- Amasoko n'amaduka:



Nsuzuma ngusuzume

Vuga ibintu bifasha abatuye Umurenge kubona ibi bikurikira :

- a. Ibiryo:
- b. Amafi:
- c. Amashanyarazi:
- d. Imboga:

Imyitozo



1. Huza umutungo w'Umurenge n'akamaro kawo
 - a. Ishyamba
 - b. Amaduka
 - c. Imirima
 - d. Imihanda
 - e. Amazu atuwemo
 1. Duhingamo ibidutunga
 2. Idufasha mu bwikorezi
 3. Aturinda imvura
 4. Rirwanya isuri
 5. Duhahiramo
2. Sobanura uburyo ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge bifitiye akamaro abawutuye.
3. Uzuza izi nteruro:
 - a. Imbaho, inkwi n'amakara biva mu biti dutema mu ____
 - b. Gutwara abantu n'ibintu ntibyatera imbere tudafite ____ myiza.
 - c. Mu gihe k'izuba ryinshi duhinga imboga mu ____
 - d. Amazi yo kuhira imyaka tuyavana mu ____ no mu ____
 - e. Ibibazo by'abaturage bikemukira ku ____


Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi banyu akamaro k'ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge mutuyemo.

C. Kubungabunga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire uko mugiyeye kuja mubungabunga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge muturukamo muza kwiga.

Nsobanukiwe ko:

Kubungabunga ibintu by'ingenzi mu murenge wacu byakorwa:

- Tudakinira mu mirima no mu bishanga.
- Tutidumbaguzwa mu migezi cyangwa ngo tuyitumemo.

- Haterwa ibiti ku misozi ihanamye n’iyambaye ubusa.
- Gukora amaterasi y’indinganire turwanya isuri.
- Hasanwa ibyangiritse nk’umuhanda, ruhurura n’ibindi.
- Hubahirizwa amategako agenga imikoreshereze yabyo.
- Hatangwa amakuru y’ababyangiza.
- Hakorwa umuganda no kwitabira gahunda za Leta zose.
- Higishwa akamaro ko kubungabunga iby’ingenzi biri mu murenge.
- Amatungo yose yororerwa mu biraro.
- Hazitirwa amashuri, amavuriro, ibigo nderabuzima, amasoko.
- Hashyirwaho abashinzwe umutekano w’Umurenge.

Twiyemeje ko:

Tuzajya dufata neza ibintu by’ingenzi biri mu murenge wacu twirinda kubyangiza kandi tubwira abayobozi abantu tubonye babyangiza.



Reka nisuzume

Tanga ingero 4 z’ibikorwa by’abana byangiza ibifitiye Umurenge akamaro.



Nsuzuma ngusuzume

Ukoze ibi bikurikira waba ubungabunze ibihe bintu bifitiye akamaro abatuye Umurenge?

- Kurwanya isuri uca amaterasi y’indinganire :
- Gutera ibiti ku misozi ihanamye :
- Kororera amatungo yose mu biraro:
- Kuzitira ibikorwa remezo:
- Gusana ibikorwa remezo byangiritse:

Imyitozo



1. Sobanura uko wabungabunga ibintu bikurikira:
 - a. Imirima y'ibihingwa:
 - b. Umugezi:
 - c. Ikiraro:
 - d. Ishyamba:
 - e. Umusozi wambaye ubusa:
2. Vuga ingero z'ibikorwa byangiza ibifitiye Umurenge akamaro.
3. Wakora iki usanze umuntu akora ibikorwa bikurikira :
 - a. Guhinga ahantu hahanamye :
 - b. Gutema ibiti bito mu ishyamba:
 - c. Kwituma mu isoko y'amazi:
 - d. Gukura amabuye n'umucanga mu muhanda:
 - e. Kuroba amafi atabifitiye uruhushya:
4. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Gutema amashyamba akiri mato ni ukwangiza ibidukikije.
 - b. Gucukura imirwanyasuri ni ukubungabunga ibidukikije.
 - c. Kororera mu biraro ni ukubungabunga ibidukikije.
 - d. Gutera ibyatsi birwanya isuri bifasha kubungabunga ibidukikije.

Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi uko babungabunga ibiboneka mu murenge wanyu, muzabibwire abandi mu isomo ry'ubutaha.

Umukino



Dufatanye isuku.

3. GUFATA NEZA UMUTUNGO W'ISHURI

A. Umutungo w'ishuri

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyho uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Musohoke mu ishuri muge hanze mutembere. Mwitegereze ibigize umutungo w'ikigo cyanyu.

B. Akamaro k'umutungo w'ishuri

Umutungo w'ishuri	Akamaro kawo
Ibyumba by'amashuri	Kwigiramo.
Isomero	Gusoma ibitabo binyuranye.
Ubwiherero	Kuhiherera no kwisukura.
Ubusitani	Butanga akayaga n'imbuta kandi ni umutako.
Ibibuga by'imikino	Kuhakinira imikino inyuranye no kuhakorera imyitozo ngororangingo.
Imirima	Hahingwa ibiribwa.
Ibikoresho bitandukanye	Bifasha mu myigire n'imyigishirize.
Icyumba cya mudasobwa	Higirwa gukoresha mudasobwa.
Ububiko bw'ibikoresho	Habikwa ibikoresho byo ku ishuri.
Ibikoresho by'imikino	Byifashishwa mu mikino inyuranye.
Icyumba cy'abarwayi	Abanyeshuri barwaye bakiryamamo.
Icyumba kinini	Habera inama n'ibiganiro.
Ibiro by'abayobozi b'ikigo	Hakirirwa ibibazo by'abarezi n'abanyeshuri. Hakorerwa n'indi mirimo y'ubuyobozi bw'ikigo.
Icyumba cy'umwana w'umukobwa	Kwita ku bana b'abakobwa by'umwihariko.

Igikorwa cya 3

Muganire ku kamaro k'umutungo w'ishuri mwigaho maze mubiganirire bagenzi banyu.



Reka nisuzume

1. Ibintu bikurikira bimariye iki abanyeshuri:
 - a. Ubwiherero:
 - b. Ububiko bw'ibikoresho:
 - c. Ibiro by'ubuyobozi bw'ikigo:
 - d. Icyumba cya mudasobwa:
2. Vuga ibikoresho 4 bifasha mu myigire n'imyigishirize.



Nsuzuma ngusuzume

1. Vuga ibigize umutungo w'ishuri bifasha abanyeshuri gukora ibi bikurikira:
 - a. Kuruhuka iyo urwaye.
 - b. Gukora imyitozo ngororamubiri.
 - c. Gusoma ibitabo binyuranye.
 - d. Kwigira gukoresha mudasobwa.
2. Tanga ingero z'ibikoresho by'imikino uzi.

Imyitozo

1. Huza umutungo w'ishuri n'akamaro kawo:

a. Isomero	1. Guhingwamo ibiribwa.
b. Ubusitani	2. Gukiniramo.
c. Imirima	3. Kwigiramo.
d. Ikibuga cy'umupira	4. Gusomeramo ibitabo.
e. Icyumba k'ishuri	5. Butanga ubwiza bw'ikigo.
2. Umutungo w'ishuri ukumariye iki? Sobanura.
3. Uzuza izi nteruro:
 - a. Si byiza kuva mu ___ ntukarabe intoki.
 - b. Mu ___ kirimo ___ ni ho twigira gukoresha mudasobwa.
 - c. Kayitare yagiye kubika ibikoresho mu ___ .
 - d. Ejo mu ___ hazabera ikiganiro ku myitwarire yacu.

Umukoro

Nugera mu rugo ubwire ababyeyi bawe umutungo w'ishuri wigaho ndetse n'akamaro ugufitiye wowe na bagenzi bawe.

C. Imikoreshereje n'imirungire iboneye y'umutungo w'ishuri

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku buryo buboneye bwo gukoresha no gucunga neza umutungo w'ishuri.

Nsobanukiwe ko:

Tugomba gukoresha neza umutungo w'ishuri twirinda:

- Kuwusesagura
- Kuwukiniramo
- Kuwangiza
- Kuwiba
- Kuwikubira
- Guca amakayi
- Kuwandarika
- Guca ibitabo

Twacunga neza umutungo w'ishuri dukora ibi bikurikira:

- Gufata neza ibikoresho by'ishuri tubibika mu mwanya wabyo.
- Gusukura ishuri twigiramo n'ahantu harikikije.
- Gusukura ubwiherero no gutoragura imyanda mu kigo.
- Kudasesagura amazi no kurondereza umuriro.

Igikorwa cya 3

Mukore icyapa gisobanura imikoreshereze n'imicungire iboneye y'umutungo w'ishuri mukimanike mu ishuri.



Reka nisuzume

1. Ni iki ukwiye kwirinda gukora kugira ngo ukoreshe neza umutungo w'ishuri wigamo ?
2. Ni iki ukwiye gukora kugira ngo ucunge neza umutungo w'ishuri wigamo?



Nsuzuma ngusuzume

Subiza yego cyangwa oya:

1. Iyo umenagura amazi ku ishuri uba ukoresha neza umutungo w'ishuri ryawe.
2. Kubika ibikoresho by'ishuri mu mwanya wabyo ni ugucunga neza umutungo w'ishuri.
3. Guca ibitabo ni igikorwa cyo gucunga neza umutungo w'ishuri.

4. Kunyanyagiza imyanda ku ishuri ni ugukoresha neza umutungo w'ishuri.

Imyitozo



1. Sobanura uko ukoresha neza imitungo y'ishuri ikurikira:
 - a. Ibitabo
 - b. Amazi
 - c. Ubusitani
 - d. Ishuri wigamo
 - e. Isomero
 - f. Ubwiherero
2. Tanga ingero za bimwe mu bikorwa byo kwangiza umutungo w'ishuri bikorwa na bagenzi bawe.
3. Ni iyihe nama wagira umuntu usanze akora ibi:
 - a. Guta ibipapuro mu busitani.
 - b. Gushushanya mu bitabo.
 - c. Kwandika ku ntebe n'ameza.
 - d. Gukinira mu busitani.
 - e. Kunyura mu idirishya.
 - f. Guhinahina amakayi.
 - g. Kurira akabati k'ibitabo.
 - h. Gukinira umupira mu ishuri.
 - i. Kwituma hejuru y'umusarani.
 - j. Kunyura mu busitani.
 - k. Kunyara aho ubonye hose.

Umukoro





Nimugera mu rugo mubwire ababyeyi banyu uruhare rwanyu mu gukoresha no gucunga neza umutungo w'ishuri. Nimugaruka muzabwire abandi uko byagenze.

4. GUFATA NEZA UMUTUNGO RUSANGE MU MURENGE

A. Ibikorwa remezo n'akamaro kabyo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Musohoke mu ishuri muge hanze y'ikigo mutembere.
Mwitegereze ibikorwa remezo biboneka mu murenge
ishuri ryanyu ryubatsemo.

Nsobanukiwe ko:

Ibikorwa remezo ari ibintu biba byarakozwe na Leta
cyangwa abaturage ngo bibafashe kwiteza imbere.

Ibikorwa remezo	Akamaro kabyo
Amavuriro	Avurirwaho abarwayi, gukingira abana n'abagore batwite.
Amashuri	Tuyigiramo.
Imihanda	Tuyigendamo.
Amavomo	Tuyavomaho amazi yo gukoresha mu rugo no mu mirima.
Amasoko n'amaduka	Tuyaguramo ibyo dushaka byose
Ubunitani rusange	Tubutemberamo, turaharuhukira kandi tukahifotoreza.
Ibiro by'ubuyobozi	Ni ho abayobozi bakemurira ibibazo byacu.
Ibibuga by'imikino	Tubikiniramo kandi tukanahakorera imyitozo ngororamubiri.
Ibigo bategeramo imodoka	Tuhategera imodoka iyo tugiye aho dushaka hose.
Imbangukiragutabara	Kujyana abarwayi barembye cyane kwa muganga ndetse n'abakoze impanuka.
Ubwiherero rusange	Abantu ni ho biherera, bakanahisukurira.

Igikorwa cya 3

Muganire ku kamaro k'ibikorwa remezo biboneka mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo.



Reka nisuzume

Ibintu bikurikira bimariye iki abatuye Umurenge?

- Ivuriro:
- Ibigo bategeramo imodoka:
- Amavomo rusange:
- Imbangukiragutabara:



Nsuzuma ngusuzume

Vuga ibikorwa remezo bifasha abatuye Umurenge kubona ibi bikurikira:

- a. Inkingo:
- b. Ibicuruzwa:
- c. Amazi:
- d. Ibyangombwa:

Imyitozo



1. Huza igikorwa remezo n'akamaro kacyo

- | | |
|----------------------|-----------------------------------|
| a. Ikigo nderabuzima | 1. Gukora ingendo. |
| b. Isoko | 2. Gukemura Ibibazo by'abaturage. |
| c. Umuhanda | 3. Kwigisha abanyeshuri. |
| d. Ibiro by'Umurenge | 4. Kuvura abarwayi. |
| e. Ikigo cy'amashuri | 5. Guhaha no gucuruza. |

2. Uzuza izi nteruro

- a. _____ itwara indembe n'inkomere kwa muganga.
- b. Iyo ukeneye ibyangombwa ujya kubifata ku _____.
- c. Iyo tugiye gutembera dutegera imodoka mu _____.
- d. Iyo ushaka gukora imyitozo ngororamubiri ujya mu ____ .



Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi banyu ibikorwa remezo biboneka mu murenge mutuyemo ndetse n'akamaro kabyo. Mubyandike muzabiganirire abandi mu ishuri.

B. Imikoreshereze n'imirungire iboneye y'umutungo rusange

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore igikorwa cyo gusukura ikigo mwigamo ku buryo bukurikira:

1. Mutoragure imyanda mu kigo hose.
2. Mukubure ahashobora gukuburwa hose.
3. Mukorope ishuri mwigamo.
4. Mukorope ubwiherero.
5. Muteme ibyatsi birebire biri mu busitani cyangwa mubirandure.

Igikorwa cya 3

Nimurangiza umurimo muganire uko mugiye kuja mukoresha neza umutungo rusange w'ishuri ryanyu.

Nsobanukiwe ko:

Umutungo rusange wakoreshwa neza abantu birinda ibi bikurikira:

- Kumena imyanda ahabonetse hose.
- Kwangiza umutungo rusange.
- Kwiba.
- Gusesagura.
- Kwikubira bimwe mu bigize umutungo rusange.

Gucunga neza umutungo rusange bisaba:

- Kuwusana igihe wangiritse.
- Kubahiriza amategeko agenga imikoreshereze yawo.
- Gutanga amakuru ku bangiza umutungo rusange.
- Gukora umuganda.
- Gusobanurira buri wese akamaro k'umutungo rusange.
- Kororera mu biraro.
- Kuzitira amashuri n'amavuriro.
- Gushyiraho abashinzwe kurinda umutungo rusange ushobora kwibwa.

Twiyemeje ko:

Tuzajya dukoresha neza umutungo rusange twirinda kuwangiza. Tuzajya tubwira abarezi n'ababyeyi bacu abangiza umutungo rusange mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri.

Igikorwa cya 4

Mushake ibikoresho mukore icyapa mugishinge mu kigo aho abantu bose bakireba. Mwandikeho uburyo bwo gukoresha no gucunga neza umutungo rusange w'ikigo cyanyu.



Reka nisuzume

1. Ni iki ukwiye kwirinda gukora kugira ngo ukoreshe neza umutungo rusange ?
2. Ni iki ukwiye gukora ngo ucunge umutungo rusange?



Nsuzuma ngusuzume

Subiza yego cyangwa oya:

- a. Iyo umena imyanda ahabonetse hose uba ukoresha neza umutungo rusange.
- b. Gutanga umusanzu w'umutekano w'abantu n'ibintu ni ugucunga neza umutungo rusange.
- c. Kubwira abayobozi abangiza umutungo rusange ntabwo ari ukuwucunga neza.
- d. Gutanga inkunga yo gusana umutungo rusange wangiritse ni uburyo bwo kuwucunga neza.

Imyitozo

1. Sobanura uko abantu bakoresha neza imitungo rusange ikurikira:
 - a. Umuhanda:
 - b. Ubusitani rusange:
 - c. Amavuriro:
 - d. Imisarani rusange:
 - e. Amashuri:
2. Tanga ingero za bimwe mu bikorwa byangiza umutungo rusange bikorwa n'abantu.
3. Ni iyihe nama wagira umuntu usanze akora ibi ibikorwa:
 - a. Kumena imyanda muri ruhurura.
 - b. Kwiba insinga z'umuriro.

- c. Kwiba ibitembo by'amazi.
- d. Gutema ibiti mu busitani rusange.
- e. Gutera amabuye hejuru y'ishuri.

Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi banyu uruhare rwabo mu gukoresha no gucunga neza umutungo rusange w'Umurenge mutuyemo. Maze muzabiganirire bagenzi banyu mu isomo ry'ubutaha.

5. Isuzuma risoza umutwe wa 2

1. Vuga inzego z'ubuyobozi zikuriwe n'Akarere.
2. Umurenge wanyu ni uwuhe? Uhana imbibi n'iyihe mirenge?
3. Ihindurangano ku ikarita ryerekana iki?
4. Tanga ingero 4 z'ibintu by'ingenzi:
 - a. Bigize umutungo w'ishuri.
 - b. Biranga Umurenge wanyu.
5. Uzururisha amagambo abura
 - a. _____ ni we uyobora Umurenge.
 - b. Tugomba _____ umutungo w'ishuri.
 - c. _____ iyo bifashwe neza biduha umwuka mwiza.
 - d. Ibikorwa bibi _____ umutungo w'ishuri.
 - e. Tugomba kugira inama _____ umutungo rusange.
 - f. Igishushanyo _____ n'ikarita.
6. Tondeka uhareye ku rwego rukuru ujya ku rwego ruto: Akarere, Umudugudu, Umurenge, Akagari.
7. Tanga ingero z'ibikorwa byangiza umutungo rusange mu murenge.



Ntuma ahora arwaye ubuheri kandi yishimagura hose. Yahuye n'urwaye amavunja, umwe aseka undi. Usanze bajya impaka buri wese yishyira aheza, wabafasha iki?




1. ISUKU Y'ISHURI N'AHU DUTUYE

A. Isuku y'ishuri no ku ishuri n'akamaro kayo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Nsobanukiwe ko:

- Isuku ari umuco mwiza wo kwirinda no kurwanya umwanda ahantu umuntu atuye n'aho akorera ibikorwa bitandukanye.

Twagira isuku dukora ibi bikurikira:

- Tuvomerera tukanasukura ubusitani.
- Gukaraba intoki igihe cyose twakoze ku mwanda.
- Kwirinda kwiyanzuza.
- Kugira isuku aho twigira n’aho tubika ibikoreshe.

b. Akamaro k’isuku gakubiyemo ibi bikurikira:

- Guhumeka umwuka udahumanye.
- Kwirinda indwara ziterwa n’umwanda.
- Kuba ahantu hasukuye.
- Kugira ubuzima buzira umuze.

Twiyemeje ko:

Mbere yo kwiga tugomba kubanza kugenzura ko aho tugiye kwigira hari isuku. Haba hadasukuye tukahasukura. Ibyo tudashoboye tukabibwira ababishinzwe.



Reka nisuzume

1. Ni ibihe bikorwa by’ingenzi abanyeshuri bashobora gukora kugira ngo bagirire ishuri n’ikigo cyabo isuku?
2. Buri munyeshuri afite izihe nshingano mu ishuri rye cyangwa mu kigo hose?



Nsuzuma ngusuzume

1. Wakora iki usanze mu ishuri wigamo hari umwanda?
2. Kuki dusabwa kwita cyane ku isuku y’ubwiherero?

Imyitozo

1. Ni ibihe bintu by’ingenzi tugomba kugirira isuku ku ishuri?
2. Ni ryari tugomba gukaraba intoki?
3. Sobanura akamaro ko kugira isuku mu ishuri no ku ishuri.
4. Turasabwa gukora iki igihe dusanze mu ishuri twigamo cyangwa mu kigo cyacu nta suku ihari?

Umukoro

Nimugera mu rugo mubwire ababyeyi banyu uko umunyeshuri ufite isuku agomba kuba ameze mbere yo kujya ku ishuri nimugaruka muzabibwire abandi.


Umukino

Kwandurura ibyandaraye.

B. Isuku y'aho utuye n'akamaro kayo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku hantu h'ingenzi hitabwaho mu gukora isuku mu rugo ndetse n'uko igomba gukorwa mubiganirire abandi.

Igikorwa cya 3

Muganire ku kamaro ko kugirira isuku aho dutuye.

Nsobanukiwe ko:

Mu rugo n'aho dutuye tugomba kuhagirira isuku twita cyane ku isuku y'ibi bikurikira:

- Mu nzu tubamo no mu byumba byose.
- Mu rugo n'ahakikije urugo, dutema ibihuru, dutera indabo n'ibiti by'imitako, dusiba ibinogo.
- Twita ku hamenwa imyanda ntinyanyagire kandi ntihatinde.
- Ducukura icyobo gifata amazi mabi twirinda umunuko.

Kutagira isuku babyita kugira umwanda kandi umwanda utera indwara.

Iyo aho dutuye hari isuku bituma tugira ubuzima buzira indwara. Ni yo mpamvu dusabwa kwitwararika isuku yaho.

Twiyemeje ko:

Tuzajya dusukura inzu yacu, urugo rwacu n'aharukikije. Aho dutuye harangwe n'isuku twirinde indwara ziterwa n'umwanda.



Reka nisuzume

1. Sobanura akamaro ko kugira isuku mu rugo n'aho utuye.
2. Kuki ari byiza gucukura ikimoteri kure y'inzu tubamo?



Nsuzuma ngusuzume

1. Ni ibihe bintu by'ingenzi tugomba kugirira isuku mu rugo?
2. Dusabwa gukora iki iyo mu rugo dutuyemo nta suku ihari?

Imyitozo

1. Vuga ahantu h'ingenzi hagomba kugirirwa isuku kurusha ahandi mu rugo.
2. Kuki ari ngombwa gucukura icyobo gifata amazi mabi?
3. Sobanura akamaro ko gutema ibihuru bikikije urugo.
4. Kuki dusabwa kuvana ibimene by'amacupa, injy cyangwa ibindi bintu byarekamo amazi hafi y'aho dutuye?
5. Ukora iki kugira ngo umenye ko aho utuye hari isuku?
6. Hitamo ibintu bigaragaza ahari isuku.
 - a. Haranuka.
 - b. Haba hari ubusitani busukuye.
 - c. Buri kintu kiba kiri mu mwanya wacyo.
 - d. Haba hatuma isazi.


Umukoro

Tegura igikorwa k'isuku iwanyu. Usobanurire ababyeyi bawe uko kizakorwa n'ibisabwa kugira ngo gikorwe neza. Ubasabe bazagufashe kugishyira mu bikorwa. Wandike uko byagenze uzabisomere abandi.

C. Ingaruka zo kugira isuku nke ku ishuri n'aho dutuye

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku ngaruka zo kugira isuku nke ku ishuri n'aho dutuye maze mubitangarize bagenzi banyu.

Nsobanukiwe ko:

Iyo ku ishuri no mu rugo hatari isuku, abanyeshuri cyangwa abatuye muri urwo rugo bashobora kurwara zimwe mu ndwara zikurikira:

- | | | |
|---------------------------|------------|--------------------|
| – Malariya | – Amavunja | – Inda |
| – Ubuheri | – Amaga | – inkorora |
| – Ise, | – Korera | – Inzoka zo mu nda |
| – Macinyamyambi (impiswi) | | |

Si indwara ziterwa n'umwanda gusa, ahantu hatari isuku haranuka bikabangamira abahatuye n'abahakorera.

Igikorwa cya 3

Muganire ku buryo indwara zose ziterwa n'umwanda zikwiye kwirindwa.

Twiyemeje ko:

Tugiyeye ku buryo twirinda indwara ziterwa n'umwanda dukora isuku ku ishuri n'aho dutuye.



Reka nisuzume

1. Kuki tugomba guhora turangwa n'isuku ku ishuri n'aho dutuye?
2. Vuga andi mazina y'indwara ziterwa n'umwanda zikurikira:
a. Ubuheri: b. Impiswi :



Nsuzuma ngusuzume

Usibye indwara sobanura izindi ngaruka zo kugira isuku nke ku ishuri n'aho dutuye.

Imyitozo

1. Tanga ingero 4 z'indwara ziterwa n'umwanda
2. Sobanura uko wakwirinda malariya
3. Sobanura uko wakwirinda indwara ziterwa n'umwanda
4. Ku ishuri ryanyu mubonye umwana urwaye ubuheri mwamugira iyihe nama ?

Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi niba hari ingaruka zo kutagira isuku umuryango wanyu wigeze ugira. Mwandike uko byagenze n'ingamba bafashe, muzabisomere abandi.

Dukine




Umukino ugaragaza indwara zatewe n'umwanda.

2. INDWARA ZANDURA

A. Amoko y'indwara zandura n'inzira abantu bazanduriramo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku moko y'indwara zandura zikunze kuboneka ku ishuri mwigamo n'aho mutuye.

Nsobanukiwe ko:

Indwara zandura zirimo:

1. **Izandurira mu mwuka** no **gusangira k'umuheha**, ibirahure n'ibikombe nk'igituntu n'inkorora.
2. **Izandurira mu maraso** cyangwa amatembabuzi nka SIDA, ebola, mburugu, imitezi, umwijima wa B na C na malariya.
3. **Izandurira mu mwanda** nka korera, macinyamyambi, inzoka zo mu nda.
4. **Izandurira mu kwitsiritanaho**, kogana no kwambarana nk'ibihara, amashamba, ubuheri, ibihushi, ise, iseru, ibinyoro.
5. **Ikwirakwizwa n'umubu** witwa anoferi: malariya.

Igikorwa cya 3

Muganire ku nzira abantu banduriramo indwara zandura, abigeze kuzirwara babwire abandi uko bazanduye.

Twiyemeje ko:

Tuzajya twirinda uburyo ubwo ari bwo bwose bwatuma twandura indwara ndetse tunabisobanurire bagenzi bacu batabizi.



Reka nisuzume

Tanga ingero 2 z'indwara zandurira:

- a. Mu mwuka:
- b. Mu mwanda:
- c. Mu maraso:
- d. Mu kwitsiritanaho:



Nsuzuma ngusuzume

Uzuza iyi mbonerahamwe ushyira indwara mu nzira abantu bayanduriramo: igituntu, ibihara, korera, ebola, ibinyoro, ise, umwijima wa B na C, malariya, iseru, inkorora, SIDA

Izandurira mu mwuka	Izandurira mu matembabuzi	Iterwa n'umubu witwa anoferi	Izandurira mu kwambarana

Imyitozo

Huza indwara n'inzira yanduriramo

- 1. SIDA
- 2. Malariya
- 3. Igituntu
- 4. Korera
- 5. Ubuheri
- a. Guhumeka umwuka w'umuntu ukiywaye.
- b. Kurya ibiryo cyangwa kunywa ibyanduye.
- c. Kwitsiritanaho n'umuntu uburwaye.
- d. Imibonano mpuzabitsina n'uyirwaye.
- e. Kurumwa n'umubu witwa Anoferi.

Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi banyu amoko y'indwara zandura ziboneka mu gace mutuyemo n'uko zandura.


Dukine

Gukina umukino ku ndwara zandura.

B. Uburyo bwo kwirinda indwara zandura

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku buryo bwo kwirinda indwara zandura zikunze kuboneka ku ishuri mwigamo n'aho mutuye.

Nsobanukiwe ko:

Hari uburyo bwo kwirinda indwara zandura.

Igikorwa cya 3

Muganire ku buryo mwakwirinda indwara zandurira muri ibi bikurikira:

- a. Umwuka
- b. Amaraso
- c. Umwanda

Indwara zandura	Uburyo bwo kuzirinda
SIDA	– Kutishora mu mibonano mpuzabitsina. – Kwirinda ibyatuma ufatwa ku ngufu/ uhohoterwa. – Kwirinda gusangira ibikoreshe bikomeretsa.
Igituntu n'inkorora	– Kwisuzumisha igihe umaranye inkorora ibyumweru birenze bibiri. – Kwivuza ugifatwa ugafata imiti neza kandi kurikiza inama za muganga. – Kudasangirira ku muheha, ku bikombe no kutanywa amata adatetse. – Kurwanya ivumbi mu nzu.
Ibihara, amashamba, amaso, ibihushi, ise n'ibinyoro	– Kutegera ubirwaye cyangwa, kumwitsiritaho. – Kutambarana, kutararana cyangwa ngo wogane n'ubirwaye. – Kuja kwa muganga ukivuza uko bikwiye ukurikiza inama za muganga. – Gukaraba neza ukimaraho umwanda.
Ebola, mburugu, imitezi, Umwijima wa B na C	– Kudakora imibonano mpuzabitsina n'umuntu urwaye imwe muri izi ndwara. – Kwivuza no gufata imiti nk'uko wabitegetswe na muganga. – Kugirira isuku imyanya ndangagitsina yawe. – Kutegera cyangwa ngo ukore ku muntu urwaye Ebola. – Kwikingiza.

Malariya	– Kwita ku isuku dutema ibihuru biri hafi y'ingo n'amashuri. – Gusiba ibinogo birekamo amazi. – Kujugunya ahabugewe ibimene by'amacupa, injyo n'ibindi bikoresho bishaje bishobora kurekamo amazi. – Kuryama buri joro mu nzitiramubu ikoranye umuti.
----------	--

Twiyemeje ko:

Tuzajya twirinda uko bikwiye indwara zandura. Niturwara tuzajya twivuza vuba tutararemba kandi tunywe imiti neza dukurikiza inama za muganga.



Reka nisuzume

Ukoze ibi bikurikira waba wirinze izihe ndwara?

- Kutishora mu mibonano mpuzabitsina:
- Kwisuzumisha igihe umaranye inkorora ibyumweru birenze bibiri:
- Gusiba ibinogo birekamo amazi hafi y'urugo:
- Kugirira isuku imyanya ndangagitsina yawe:



Nsuzuma ngusuzume

- Sobanura muri make uko wabigenza igihe waba waramaze gufatwa n'indwara zandura.
- Ku ishuri ryanyu nta muntu waba wararwaye indwara yandura? Byagenze bite?
 - Iwanyu mu rugo nta ndwara yandura mwaba mwarigeze murwara? byatewe n'iki? Mwivuje mute?



1. Uzuza iyi mbonerahamwe

Indwara zandura	Inzira zanduriramo	Uburyo bwo kuzirinda
	Kurumwa n'umubu witwa anoferi wamaze kuruma umuntu urwaye malariya	
Umwijima wa B na C		
	Kwegera no kwitsirita ku muntu ubirwaye	
		Gukaraba intoki uvuye mu bwiherero, mbere yo kurya no kugira icyo unywa
SIDA		

2. Uzurisha ijambo ribura:

- Kudakora ku muntu urwaye ____ bikurinda kwandura.
- ____ bitera ubuheri.
- ____ ku muheha byanduza ____.
- Inkorora iterwa n'____.

Umukoro




Nimugera mu rugo muganire n'ababyeyi banyu. Mubabaze uko umuryango wanyu wirinda indwara zandura. Munafate ingamba z'uko mwazirandura burundu. Mubyandike muzabibwire bagenzi banyu mu ishuri.

3. ISUKU Y'IMYANYA NDANGAGITSINA

A. Uko isuku y'imyanya ndangagitsina ikorwa

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Buri wese abwire abandi uko asukura imyanya ndangagitsina ye.

Nsobanukiwe ko:

Iyo usukura imyanya ndangagitsina ukora ibi bikurikira:

- Gukoresha amazi meza n'isabune.
- Kudashyira isabune mu gitsina imbere.
- Gusiga isabune ku gitsina inyuma ukoga neza ukiyunyuguza.
- Gukoresha amasabune adahumura.
- Kwambara amakariso yumutse, ameshe kandi ateye ipasi.
- Kwambara ikariso rimwe ukayimesa ukayanika ku zuba.
- Kutanyara mu makariso no kutayatumbika mu mazi akonje.
- Kutihanaguza amakariso umaze kwituma.
- Kudakorakora ku gitsina ufite intoki zanduye.
- Kwambara amakariso adafashe cyane kandi atari nilo kuko ababaza igitsina.

- Kutambarana amakariso.
- Kwiheha ujjana inyuma kugira ngo udasiga umwanda ku gitsina.

Twiyemeje ko:

Tuzajya tugirira umubiri wacu isuku twita cyane ku isuku y’imyanya ndangagitsina yacu.



Reka nisuzume

1. Vuga ibikoreshe by’ingenzi usabwa gukoreshe igihe wita ku isuku y’umubiri wawe.
2. Ni ubuhe bwoko bw’amazi ubujijwe koga igihe usukura imyanya ndangagitsina yawe ?



Nsuzuma ngusuzume

1. Kuki dusabwa kwiheha tujyana inyuma?
2. Kwanika ikariso mu nzu ni byiza? Sobanura.

Imyitozo

1. Vuga imiterere y’amakariso wemerewe kwambara.
2. Sobanura imiterere y’amakariso utemerewe kwambara.


Umukoro

Mubaze ababyeyi banyu uko mugomba kujya musukura imyanya ndagagitsina yanyu. Mubyandike maze muzabiganirire bagenzi banyu mu ishuri.

B. Ingaruka zo kutagirira isuku imyanya ndangagitsina

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mubwirane ingaruka zo kutagirira isuku imyanya ndangagitsina.

Nsobanukiwe ko:

Kutagirira isuku imyanya ndangagitsina bitera kwishima no kunuka, bikanatera indwara.

Twiyemeje ko:

Tuzajya duhorana isuku ku mubiri twita cyane ku isuku y'imyanya ndangagitsina yacu kugira ngo twirinde indwara ziterwa n'umwanda.

Imyitozo



1. Sobanura uko usukura imyanya ndangagitsina yawe.
2. Uzurisha ijambo ribura.
 - a. Tugomba kwiheha tujyana___.
 - b. Kudasukura imyanya ndangagitsina bitera ___ no___.
3. Vuga ibibi byo kwambara ikariso ihambiriye.

Umukoro

Nimugera mu rugo mubaze ababyeyi ingaruka zo kutagirira isuku imyanya ndangagitsina maze muzabiganirire bagenzi banyu.

4. Isuzuma risoza umutwe wa 3

1. Vuga ahantu h'ingenzi tugomba kugirira isuku
 - a. Ku ishuri.
 - b. Mu rugo.
2. Isuku mu rugo no ku ishuri itumariye iki ?
3. Shyira akamenyetso ka $\sqrt{\quad}$ ku ndwara ziterwa n'umwanda.

a. Ibicurane	e. Inzoka zo mu nda
b. Amashamba	f. Ubuheri
c. Impiswi	g. Inkorora
d. Tifoyide	h. Kanseri
4. Subiza Yego cyangwa Oya
 - a. Anoferi itera igituntu.
 - b. Malariya ni indwara yandura.
 - c. Korera ni indwara iterwa no kugira isuku nke.
 - d. Umwuka duhumeka ushobora gukwirakwiza igituntu.
 - e. Umwijima wa B na C urandura cyane.
 - f. Isuku y'imyanya ndangagitsina irinda indwara ziyanduriramo.
 - g. Iyo urwaye ubuheri ukabwanduza abandi burakira.
5. Byagenda bite uramutse udasukuye imyanya ndangagitsina yawe?
6. Kuki abantu bavuga ngo isuku ni isoko y'ubuzima?

IMIBANIRE N'IMYITWARIRE IBONEYE




Mabwire yirutse ajya gutoragura umupira agongwa n'imodoka avunika akaguru. Umugonze ahita yigendera batamumenye. Mabwire atashye iwabo birababaza ariko ntibamuvuza agira ubumuga. Ibi bibaye ku bantu uzi, wabyitwaramo ute?



1. UBURENGANZIRA BW'IBANZE BWA MUNTU

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku bigize uburenganzira bw'ibanze bwa muntu

Nsobanukiwe ko:

Uburenganzira ni ibintu umuntu agomba gukorerwa cyangwa guhabwa kugira ngo abeho neza.

Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu bugizwe n'uburenganzira:

- Ku buzima.
- Bwo kuvuzwa/kuvurwa.
- Ku bimutunga.
- Bwo kugira aho aba.

Nta muntu n'umwe wemerewe kubuza undi uburenganzira. Kubaha uburenganzira bw'umuntu bituma na we yubahiriza ubw'abandi.

Twiyemeje ko:

- Tugiye kujya twubahiriza uburenganzira bwa buri muntu nta vangura.
- Ibyo wifuza ko bagukorera ari na byo ugomba gukorera abandi.



Reka nisuzume

1. Sobanura ijambo “Uburenganzira”
2. Iyo wigenzuye usanga uburenganzira bwawe bw'ibanze bwubahirizwa? Sobanura



Nsuzuma ngusuzume



Iyo umuntu akorewe ibi bikurikira, ni ubuhe burenganzira bwe bw'ibanze buba butubahirijwe?

- a. Kutavuzwa:
- b. Kurazwa hanze:
- c. Guhabwa ibihano bikomeye:
- d. Gufatwa ku ngufu:
- e. Kwimwa ibiryo:
- f. Kwambikwa ubusa:

Umwitozo



Itegereze aya mashusho maze uvuge uburenganzira bw'ibanze bwa muntu bwubahirijwe cyangwa butubahirijwe.



Umukoro



Nimugera mu rugo muganire n'ababyeyibanyu ku burenganzira bw'ibanze buri wese ugize umuryango afite. Mugenzure ko bwubahirizwa mubyandike, muzabiganirire bagenzi banyu.

2. UBUMUGA

A. Amoko y'ubumuga

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku moko y'ubumuga muzi maze musobanure ibintu by'ingenzi biranga abafite ubumuga.

Nsobanukiwe ko:

Ubumuga ari ukudakora neza kw'ingingo zimwe z'umubiri.

Amoko y'ubumuga ni:

1. Ubumuga bw'ingingo: Kumugara ingingo z'umubiri nk'amaboko, intoki, amaguru, umugongo (inyonjo), kugira umutwe ubyibushye cyane cyangwa unanutse cyane.
2. Ubumuga bwo kutabona: Kugira amaso atabona.
3. Ubumuga bwo kutumva: Kugira amatwi ariko utumva.
4. Ubumuga bwo kutavuga: Kugira ururimi ariko utavuga.
5. Ubumuga bwo mu mutwe: Kudindira mu bwenge no mu mitekerereze.
6. Ubumuga bwo kutumva no kutavuga: Kugira amatwi n'ururimi ariko utumva utavugaga.

Twiyemeje ko:

Tuzajya tubana neza n'abafite ubumuga, tutabahutaza kandi tubafasha ibyo badashoboye twe dushoboye.

Umukoro

Mwitegereze aho mutuye, aho munyura n'aho ishuri ryanyu riri murebe amoko y'ubumuga ahiganje mubyandike mubisomere bagenzi banyu mu ishuri.



Dukine

Umukino ugaragaza ubufasha waha ufite ubumuga.

B. Ibitera ubumuga

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku bintu muzi bishobora gutera ubumuga.

Nsobanukiwe ko:

Ubumuga buterwa:

- N'impanuka z'ubwoko bwose zikomeye.
- N'uburwayi.
- No kudakingirwa indwara zimwe nk'imbasa na mugiga.
- N'ibyago umuntu avukana.
- N'ibimera bitera ubuhumyi.

Twiyemeje ko:

Tuzajya twirinda ubumuga buterwa n'impanuka no kutikingiza.



Reka nisuzume

1. Vuga ingero 2 z'indwara ziterwa n'ubumuga bwo kudakingirwa.
2. Tanga ingero 2 z'impanuka zishobora gutera ubumuga.



Nsuzuma ngusuzume

1. Vuga bimwe mu bimera bishobora gutera ubumuga uzi.
2. Sobanura uko witwara kuri bagenzi bawe bafite ubumuga.

Umwitozo



Huza ubwoko bw'ubumuga muri A n'ikibutera muri B.

A	B
1. Ubumuga bw'ingingo	a. Kwikurugutuza ibisongoye
2. Ubumuga bwo kutumva	b. Amata y'ibimera ahumisha
3. Ubumuga bwo kutavuga	c. Uburwayi bw'umutwe
4. Ubumuga bwo mu mutwe	d. Mugiga
5. Ubumuga bwo kutabona	e. Uburwayi n'impanuka


Umukoro

Mwitegereze aho mutuye, aho munyura n'aho ishuri ryanyu riri. Murebe ibintu bihaboneka bikunze gutera ubumuga.

C. Uko wakwirinda ubumuga

Igikorwa

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Nsobanukiwe ko:

Wakwirinda ubumuga ukora ibi bikurikira:

- Gukingirirwa ku gihe.
- Kugenda neza mu muhanda wubahiriza amategeko yawo.
- Kudakubagana cyangwa ngo ukubaganishe ibintu bishobora guteza impanuka.
- Kwivuza no gukurikiza inama za muganga.

Twiyemeje ko:

Tugiye kuja twirinda ubukubaganyi bwaduteza impanuka. Nko gukinira mu muhanda, gushyira ibayi mu maso, amata y'ibimera nk'umukoni, imiyenzi na madwedwe.



Reka nisuzume



Tanga ingero 3 z'ibintu wakwirinda byagutera ubumuga.



Nsuzuma ngusuzume



Kuki dusabwa kwivuza no gukurikiza amabwiriza ya muganga?

Imyitozo



1. Sobanura uko wakwirinda impanuka zagutera ubumuga.
2. Tanga ingero z'ibimera bishobora kutwicira amaso.
3. Wakora iki ngo wirinde ubumuga buterwa no kutikingiza?



Umukoro

Nimugera mu rugo muganire n'ababyeyi ku bitera ubumuga n'uko mwabyirinda. Maze murebere hamwe uko mwajya mubika ibikoresho byabatera ubumuga mufite mu rugo.

D. Uko wabana neza n'abafite ubumuga

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Buri wese abwire abandi uko yabana n'abafite ubumuga.

Nsobanukiwe ko:

Abafite ubumuga dukwiye kujya tubakorera ibi bikurikira :

- Kubafasha.
- Kubatega amatwi.
- Kubagenza buhoro.
- Kubaha uburenganzira.
- Kububaha.
- Kubarwanira ishyaka.

Abafite ubumuga dukwiye kujya tubarinda ibi bikurikira :

- Kubita amazina mabi.
- Guhutazwa.
- Gushyirwa mu kato.
- Ibyabateza impanuka.

Twiyemeje ko:

Tuzajya tubana neza n'abafite ubumuga, tubatabarize bahohotewe.



Reka nisuzume

Vuga ibintu 2 by'ingenzi wakorera umuntu ufite ubumuga.



Nsuzuma ngusuzume

1. Tanga ingero 2 z'ibintu ukwiye kurinda abafite ubumuga.
2. Kuki dusabwa kubana neza n'abafite ubumuga?

Imyitozo



1. Wakora iki usanze umuntu ufite ubumuga ari guhohoterwa?
2. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Umwana ufite ubumuga ntiyemerewe kwiga nkawe.
 - b. Ni ishingano zacu kurinda abafite ubumuga ihohoterwa.
 - c. Umuntu ufite ubumuga ntabwo afite uburenganzira bungana n'ubw'umuntu utabufite.
 - d. Gufasha umuntu ufite ubumuga ni ukumusuzugura.
3. Kwigana n'abana bafite ubumuga haba hari ingaruka bigira ku batabufite? Sobanura.

Umukoro

Muganire n'ababyeyi ku ruhare umuryango ugira mu kubana neza n'abafite ubumuga muzabiganirire abandi.

Umukino

Umukino ugaragaza uko twakwirinda imvune.

3. IMYITWARIRE IBONEYE Y'ABANA MU BIHE BITANDUKANYE N'AHANTU HATANDUKANYE

A. Mu minsi mikuru n'ahateraniye abantu benshi

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire uko mwitwara iyo mwajyanye n'ababyeyi banyu ahantu habereye umunsi mukuru.

Nsobanukiwe ko:

Mu minsi mikuru tugomba:

- Kwitonda, kwicara hamwe no kutajarajara.
- Kugira ikinyabupfura.
- Kudacuranwa, kutamena ibiribwa cyangwa ibinyobwa.
- Tutanyanyagiza ibyo baririyeho cyangwa ibyo banywesheje.
- Kudatera abandi isesemi nko kurya umyataguza.
- Kutivumbura, kurakazwa cyangwa kurizwa n'ubusa.
- Kuturira abantu no gukinisha abo mutangana.
- Kutishyanutsa no gushyogozanya.
- Kudasubira abantu mu ijambo.

Twiyemeje ko:

Tugiye kuja twitwara neza mu minsi mikuru kugira ngo tutabangamira abandi.



Reka nisuzume

1. Witwara ute iyo uri ahateraniye abantu benshi?
2. Kuki dusabwa kwitwara neza mu minsi mikuru?

Umwitozo



Ca akaziga ku myitwarire iboneye mu minsi mukuru

- a. Gusakuza bari kuvuga ijambo.
- b. Gukoma amashyi igihe abandi bayakomye.
- c. Gucuranwa.
- d. Kwicara aho bakweretse.
- e. Kugira umururumba w'ibintu byose.

- f. Gusangira na bagenzi bawe.
- g. Kujarajara.


Umukoro

Muganire n'ababyeyi mubabwire imyitwarire iboneye y'umuntu uri mu minsi mikuru. Abigeze kugira imyitwarire mibi basabe imbabazi hanyuma muzabiganirire abandi.

B. Mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire uko mwitwara mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri.

Nsobanukiwe ko:

Mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri tugomba kwirinda ibi:

- Kurwana, guterana amabuye, kwenderanya, kurangara no gutinzwa n'ubusa.
- Gukinisha amazi, amashanyarazi, ibimera bifite amahwa cyangwa amata.
- Kwangiza ibiti n'indabo.
- Gukinira mu muhanda cyangwa mu mirima y'imyaka.
- Kwiba no gusabiriza.
- Kuja kwidumbaguzwa mu bidendezi.

- Gushotora imbwa n’abafite ubumuga bwo mu mutwe.
- Kuja mu bihuru cyangwa mu mashyamba.
- Kurira ibiti no gupanda imodoka.
- Kwinyagiza cyangwa kwigaragura mu itaka no mu byondo.
- Guta ibikoresho by’ishuri.
- Gutsuka ku mutumba cyangwa ku madarajya no guserebeka.

Mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri tugomba kwitwara gutya:

- Kugenda neza mu nzira twitonze.
- Kwihuta tukagera mu rugo cyangwa ku ishuri kare.
- Gutwara ibikoresho by’ishuri neza tutabita cyangwa ngo tubinyanyagize.

Twiyemeje ko:

Tugiye kuja twitwara neza mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri twirinda kwangiza ibyo tunyuraho no kubangamira abo tugendana.



Nsuzuma ngusuzume

1. Sobanura uko usabwa kwitwara mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri.
2. Tanga ingero 4 z’ibintu dusabwa kwirinda gukora mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri.

Umwitozo



Soma uru rutonde rw’imyitwarire myiza n’imibi mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri maze uyishyire mu mwanya wayo: kwinyagiza, kwitwara neza, kuzarira mu nzira, kudatinda mu nzira, gukinisha amashanyarazi, gusabiriza, kutanyanyagiza ibikoresho by’ishuri, kwiba, kutajya mu bihuru, gupanda imodoka, kudakinira mu muhanda, guserebeka, kutidumbaguzwa mu bidendezi, gutsuka ku mutumba, kudashotora imbwa, kwangiza imyaka, kudaterana amabuye, gutera amabuye ku nzu no ku modoka.

Imyitwarire iboneye	Imyitwarire mibi

Umukoro

Muganire n’ababyeyi banyu mubabwire uko mwitwara mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri. Abigeze kugira imyitwarire mibi basabe imbabazi hanyuma muzabiganirire abandi.

4. Isuzuma risoza umutwe wa 4

1. Vuga uburenganzira bw’ibanze bwa muntu.
2. Uzurisha amagambo abura.
 - a. Iyo uburenganzira bwawe butubahirijwe uba ____.
 - b. Iyo hari ingingo zidakora umuntu aba afite ____.
 - c. Tugomba kutabangamira ____ bafite ____.
3. Subiza Yego cyangwa Oya
 - a. Kwikurugutuza ibintu bisongoye bitera ubukirigitwa.
 - b. Amata y’ibimera bimwe na bimwe atera ubumuga bwo kutabona.
 - c. Mugiga ishobora gutera ubumuga bwo mu mutwe.
 - d. Impanuka ntabwo zitera ubumuga.
 - e. Gukingiza abana birinda ubumuga.
4. Shyira akamenyetso ka V ku myitwarire iboneye na X ku myitwarire mibi.
 - a. Gufasha abafite ubumuga.
 - b. Kwiha gushyanuka mu bantu bakuru.
 - c. Kwirinda gucuranwa.
 - d. Gutanguranwa kwicara.
 - e. Kwitonda.
 - f. Kujarajara.
 - g. Gusakuriza abandi.



Sebusa ahora aririmba ko nta kintu kimurutira kugura ibintu abonye byose kandi akabigura iwabo batabizi. Ababyeyi be bahora mu madeni kubera we. Hakorwa iki kugira ngo uyu muryango uzatere imbere?



1. AHO DUKURA AMAFARANGA

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho muvuge ibyo muyabonaho.



Igikorwa cya 2

Vuga ibyo ababyeyi bakora bibinjiriza amafaranga.

Nsobanukiwe ko:

Amafanga akoreshwa mu muryango aha ku mirimo inyuranye. Yaba ikorwa n'umuntu ku giti ke, mu mashyirahamwe, mu kazi ka Leta cyangwa ak'abigenga. Harimo

- | | |
|---------------|---------------------|
| - Ubuhinzi | - Ubudozi |
| - Ubworozi | - Ubwubatsi |
| - Ubuvuzi | - Ubwarimu |
| - Ubukorikori | - Ubukanishi |
| - Ubucuruzi | - Gucunga umutekano |

Igikorwa cya 3

Mukore urugendoshuri rwo kwitegereza imirimo yinjiza amafaranga ikorerwa mu murenge ishuri ryubatsemo nimugaruka muyigeho impaka.

Twiyemeje ko:

Tugiye gutangira kwitoza gukora neza umurimo wacu wo kwiga. Nidukura tuzakore neza imirimo ibyara amafaranga.

Umwitozo

Buri wese abwire bagenzi be umwuga yumva yazakora amaze gukura ukajya umwinjiriza amafaranga.

Umukoro

Mugende mwitegereza imirimo yinjiza amafaranga ikorerwa mu nzira munyuramo muza cyangwa muva ku ishuri. Mukore urutonde rwayo muzayisomere abandi.

2. IBYO DUTANGAHO AMAFARANGA

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku byo imiryango itangaho amafaranga.

Nsobanukiwe ko:

Dutanga amafaranga ku bintu bikurikira:

- Kugura ibyo dukenera byose.
- Imiti, imyenda, ibikoresho by'ishuri, umuriro n'amazi ...

Igikorwa cya 2

Muganire ku kintu gitangwaho amafaranga menshi mu rugo iwanyu mubibwire bagenzi banyu.



Reka nisuzume

Sobanura aho umuryango wawe uvana amafaranga.



Nsuzuma ngusuzume

1. Sobanura aho abantu bagize umuryango wawe bakura akazi.
2. Ni iyihe mirimo ikorwa n'abagize umuryango wawe ibinjiriza amafaranga.
3. Tanga ingero 4 z'ibintu iwanyu mutangaho amafaranga.

Twiyemeje ko:

Tuzajya dukoresha neza amafaranga igihe tugura ibyo dukeneye kandi dufata neza ibyo twaguriwe n'ababyeyi.

Umwitozo

Tahura muri uru rusobe rw'amagambo ibintu 10 bitangwaho amafaranga.

i	m	y	a	m	b	a	r	o	i
b	a	u	m	u	r	i	r	o	b
i	m	i	t	i	c	u	m	b	i
r	b	a	m	a	k	a	y	i	c
i	b	i	n	y	o	b	w	a	a
b	c	i	m	o	d	o	k	a	n
w	i	m	i	s	o	r	o	d	w
a	m	a	z	i	a	m	a	t	a

Umukoro

Muganire n'ababyeyi mubabaze ibyo bakunze gutangaho amafaranga kurusha ibindi. Mubabaze niba bajya bazigama. Muzabiganirire bagenzi banyu mu ishuri.

3. UBURYO BWO KWIZIGAMIRA

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku buryo bwo kwizigamira no kwiteganyiriza.

Nsobanukiwe ko:

Habaho uburyo bwo kwizigamira no kwiteganyiriza:

Ku bana ni:	Ku bakuru ni:
– Kwiharika. – Korora itungo rigufi. – Kubika igiceri mu gasanduku.	– Kubitsa mu mabanki. – Kugura umurima, inzu, ishyamba cyangwa itungo. – Ibimina n'amakoperative.

Igikorwa cya 3

Mufate ingamba y'icyo mugiyeye gukora kugira ngo mwizigamire cyangwa mwiteganyirize ibyazabagoboka mu gihe kizaza.

Twiyemeje ko:

Tutazajya dusesagura umutungo, twizigamira ibizatugoboka.

Imyitozo

1. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Iyo uca amakayi uba uzigamye.
 - b. Iyo wiyanduzira uba usesaguye.
 - c. Iyo umenagura amazi uba uzigamye.
 - d. Iyo wanduzira inzu uba usesaguye.
 - e. Iyo ucana amatara aho utari uba uzigama.
 - f. Iyo umena ibiryo uba usesaguye.
 - g. Iyo ufunika amakayi uba uzigamye.
 - h. Iyo ubika ibikoresho byawe neza uba usesagura.
 - i. Iyo winyagiza uba uzigamye.
 - j. Iyo uta igihe uba uzigamye.
2. Tanga ingero 2 z'uko wazigamira ejo hazaza hawe.
3. Vuga uko usesagura umutungo, ufate ingamba nshya.

Umukoro

Ganirira ababyeyi bawe ibyo ukunze gukora bisesagura umutungo w'umuryango. Maze ubasabe imbabazi. Ubyandike uzabwire bagenzi bawe uko byagenze.

4. AKAMARO KO KWIZIGAMIRA

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku kamaro ko kwiganyiriza cyangwa kwizigamira.

Nsobanukiwe ko:

Kwizigamira bigoboka umuntu mu bihe bitandukanye:

- Agize ibyago.
- Agize ibirori.
- Agize ibibazo bitunguranye (kurwara, kurwaza, kwirukanwa ku kazi, gukena).
- Ashaje.

Twiyemeje ko:

Tugiye kuja twizigamira kugira ngo tuzabeho neza.



Reka nisuzume

1. Vuga ibintu 3 wakora kugira ngo uteganyirize ejo hazaza hawe.
2. Sobanura akamaro ko kwizigamira.



Nsuzuma ngusuzume

1. Ibyo umuntu yizigamira bimugoboka ryari?
2. Tanga ingero 2 z'ibintu ukunze gusesagura bigize umutungo w'umuryango wanyu.

Imyitozo

Muganire kuri izi mvugo zikunze gukoreshwa muzisanishe no kuzigama cyangwa gusesagura hanyuma mubigeho impaka muri rusange.

- a. Urondereza ubusa bukimara.
- b. Nta bigwira bigenda.
- c. Iby'ejo bibara ab'ejo.
- d. Amavuta y'umugabo ni amuraye ku mubiri.
- e. Akabando k'iminsi ugaca hakibona.
- f. icyo uzaba ejo uragitegura.
- g. Kwiteganyiriza ni ingabo y'amahina.

5. INGARUKA ZO KUTIZIGAMIRA

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku ngaruka zo kutiteganyiriza cyangwa kutizigamira.

Nsobanukiwe ko:

Umuntu utizigamira agerwaho n'ingaruka nko:
Gukena no kugarizwa n'ibibazo akabaho nabi.

Igikorwa cya 3

Muvuge ingamba mufashe kugira ngo mwirinde ingaruka ziterwa no kutizigamira cyangwa kutiteganyiriza.

Twiyemeje ko:

Tuzajya twiteganyiriza twirinda ingaruka zo kutizigamira.

Umukoro

Mubaze ababyeyi ingaruka ziterwa no kutizigamira mu muryango hanyuma muzabiganirire bagenzi banyu.

Umukino

Mukine agakino kagaragaza uko mwakoresha neza amafaranga.

6. Isuzuma risoza umutwe wa 5

1. Sobanura aya magambo:
a. Kuzigama b. gusesagura
2. Uzurisha amagambo abura
a. _____ ni inzira igana ku bukungu.
b. Gukoresha ibirenze urugero ni uburyo bwo _____.
c. Gukurikiza amabwiriza neza ni uburyo bwo _____.
d. Gufata neza ibintu byose ni _____.
e. Kwangiza ibyo ubonye byose ni _____.
3. Vuga icyo ukora ngo ubungabunge umutungo w'iwanyu udapfa ubusa.
4. Isomo ryo kuzigama ryakwigishije gukora uwuhe mushinga?
5. Tahura muri uru rusobe amagambo ajyanye n'ubukungu n'amafaranga:

A	K	U	Z	I	G	A	M	A	G
M	U	B	A	I	A	K	A	A	U
A	G	U	A	N	A	U	U	I	S
F	U	K	A	G	A	B	M	N	E
A	R	U	A	U	A	I	U	O	S
R	A	N	A	Z	A	T	T	T	A
A	A	G	A	A	A	S	U	I	G
N	A	U	I	N	Y	U	N	G	U
G	A	A	A	Y	A	A	G	A	R
A	A	A	A	O	A	A	O	A	A

UBUYOBOZI BW'AKAGARI N'UBW'UMURENGE



Kadenesi yavuze ko Meya ayobora Umurenge. Gitoki aramuseka amubwira ko Meya ayobora Akagari kandi akaba ari we uha abaturage inka na mutuweri. Bemeranya ko bazajya kumureba. Abo bagabo bombi bafite ibihe bibazo? Wabikemura ute?




1. ABAYOBOZI B'AKAGARI

A. Abagize inzego z'ubuyobozi bw'Akagari

Igikorwa cya 1

Mwitegereze amashusho muvuge ibyo muyabonaho.

1. Ibiro by'Umunyamabanga Nshingwabikorwa
2. Ibiro by'ushinzwe Imibereho myiza
3. Icyumba k'inama



Igikorwa cya 2

Muganire ku bagize inzego z'ubuyobozi mu kagari kanyu

Nsobanukiwe ko:

Akagari ni urwego rutangirwaho serivisi z'ibanze.

Inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Akagari ni izi zikurikira:

- Inama Njyanama
- Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Izi nzego zunganirwa na Komite Ngishwanama mu iterambere ku rwego rw'Akagari.

a. Inama Njyanama y'Akagari

Inama Njyanama y'Akagari igizwe n'aba bakurikira:

- Abajyanama rusange bahagarariye imudugudu iri mu kagari
- Abahagarariye:
 - Urubyiruko
 - Abafite ubumuga
 - Abikorera
 - Abagore
 - Abayobozi b'amashuri

b. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari

Abagize ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari:

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari.
- Abakozi bashyirwaho n'Akarere.

B. Inshingano z'abayobozi b'Akagari

a. Inshingano z'abagize Inama Njyanama y'Akagari

- Gusuzuma no kwemeza igenamigambi ry'ubukungu n'iterambere.
- Gukurikirana uko gahunda zose za Leta mu kagari zishyirwa mu bikorwa (umutekano, uburezi, imibereho myiza, imiyoborere myiza, ubukungu ...)
- Kugenzura Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

b. Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari

- Gukusanya imibare y'abaturage n'ibikorwa byo mu kagari

- Gushishikariza abaturage kwitabira no kugira uruhare ku bikorwa by’amajyambere arambye.
- c. Inshingano z’Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akagari
 - Kuyobora Akagari no kugahagararira mu zindi nzego.
- d. Inshingano z’Abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari
 - Gushyira mu bikorwa gahunda za Leta zikorera mu kagari.
 - Gutegura no gukurikirana ibikorwa by’amajyambere mu kagari.

Igikorwa cya 3

Mukore urugendoshuri musure Akagari kari hafi y’ishuri. Muganire n’ubuyobozi bwako. Mubaze uko inzego zabo ziteye, uko zitwa n’inshingano zabo mubyandike. Nimugaruka mubiganireho mu ishuri.



Reka nisuzume

1. Tanga ingero za serivisi z’ibanze zitangirwa mu kagari.
2. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari bugizwe na bande?



Nsuzuma ngusuzume

1. Vuga inshingano 2 kuri buri rwego rw’ubu buyobozi bukurikira:
 - a. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Akagari.
 - b. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akagari.
 - c. Inama Njyanama y’Akagari
2. Ni ba nde bagize Inama Njyanama y’Akagari ?




1. Inzego z'ubuyobozi bw'Akagari zigizwe na bande?
2. Uzuza izi nteruro n'amagambo akwiye.
 - a. _____ ni urwego rutangirwaho serivisi z'ibanze.
 - b. Komite _____ mu iterambere ku rwego rw'Akagari yunganira inzego z'ubuyobozi bw'Akagari.
 - c. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari bashyirwaho n'_____.
 - d. _____ y'Akagari ni yo ifata ingamba z'iterambere ry'ubukungu mu kagari.

2. ABAYOBOZI B'UMURENGE

Igikorwa cya 1

Mwitegereze iyi shusho muvuge ibyo muyibonaho.

1. Ibiro by'Umunyamabanga Nshingwabikorwa
2. Ibiro by'ushinzwe imibereho myiza
3. Ibiro by'ushinzwe irangamimerere
4. Ibiro by'ushinzwe ubutaka mu murenge



Nsobanukiwe ko:

Umurenge ni urwego rw'ubuyobozi bw'Igihugu rushinzwe gushyira mu bikorwa gahunda z'amajyambere. Gutanga serivisi nziza no guteza imbere imiyoborere n'imibereho myiza y'abaturage.

A. Abagize inzego z'ubuyobozi bw'Umurenge

Inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Umurenge ni izi zikurikira:

- Inama Njyanama.
- Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Izi nzego zunganirwa na Komite y'umutekano ku murenge.

a. Abagize Inama Njyanama y'Umurenge

Inama Njyanama y'Umurenge igizwe n'aba bakurikira:

- Umujyanama rusange uhagarariye Akagari ku murenge.
- Abahagarariye:
 - Urubyiruko
 - Abafite ubumuga
 - Abikorera
 - Amavuriro
 - Abagore
 - Abayobozi b'amashuri
 - Abayobozi b'amadini

b. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bugizwe n'aba bakurikira:

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa.
- Abakozi bashyirwaho n'Akarere.

B. Inshingano z'abayobozi b'Umurenge

a. Inshingano z'abagize Inama Njyanama y'Umurenge

- Gusuzuma no kwemeza igenamigambi ry'ubukungu n'iterambere.
- Gukurikirana uko gahunda zose za Leta mu murenge zishyirwa mu bikorwa (umutekano, uburezi, imibereho myiza, imiyoborere myiza, ubukungu...)
- Kugenzura ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

b. Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge

Kuyobora Umurenge no kuwuhagararira mu zindi nzego

c. Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge

- Gushyira mu bikorwa gahunda za Leta mu murenge.
- Gutanga serivisi nziza ku baturage.

Igikorwa cya 3

Mukore urugendoshuri musure Umurenge uri hafi y'ishuri. Muganire n'ubuyobozi bwawo. Mubaze uko inzego zabo ziteye, uko zitwa n'inshingano zabo nimuvayo mubiganireho.



Reka nisuzume

1. Tanga ingero za serivisi z'ibanze zitangirwa mu murenge.
2. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge bugizwe na bande?



Nsuzuma ngusuzume

1. Vuga inshingano 2 kuri buri rwego rw'ubuyobozi bw'Umurenge bukurikira:
 - a. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge:
 - b. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge:
 - c. Inama Njyanama y'Umurenge:
2. Ni bande bagize Inama Njyanama y'Umurenge?

Imyitozo

1. Inzego z'ubuyobozi bw'Umurenge zigizwe na bande?
2. Uzuza izi nteruro n'amagambo akwiye.
 - a. _____ ni urwego rw'imitegekere y'Igihugu rushinzwe gushyira mu bikorwa gahunda z'amajyambere, gutanga serivisi nziza no guteza imbere imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'abaturage.

- b. Komite _____ yunganira inzego z'ubuyobozi bw'Umurenge.
- c. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge bashyirwaho n'_____
- d. _____ y'Umurenge ni yo ifata ingamba z'iterambere ry'ubukungu mu murenge.

3. UKO ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE BASHYIRWAHO

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku buryo abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho.

Nsobanukiwe ko:

Abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu batorwa n'abaturage bose. Bikorwa bite?

1. Kuvuga umwanya utorerwa.
2. Inshingano z'umuntu utorerwa uwo mwanya.
3. N'ibyo asabwa kuba yujuje.

Ingero:

- Kuba ari Umunyarwanda.
- Kuba atari munsu y'imyaka 18 y'amavuko.
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.

- Kuba akunda Igihugu.
 - Kuba afite amashuri asabwa kuri uwo mwanya.
 - Kuba akunda umurimo.
 - Kuba ugiye gutorwa atuye muri uwo mudugudu.
4. Kwiyamamaza cyangwa kwamamazwa.
 5. Kuvuga umwirondoro n'icyo azamarira Umudugudu we.
 6. Kwemera cyangwa kwanga uwiyamamaje hatangwa impamvu.
 7. Uwamamajwe na we afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kubyangira agaragaza impamvu.
 8. Kuja inyuma y'umukandida buri wese ahisemo.
 9. Kubarura amajwi no gutangaza uwatsinze.
 10. Kurahiza abatowe kuyobora Umudugudu.

Igikorwa cya 3

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Abatowe mu midugudu ni bo bitoramo abagize Inama Njyanama y'Akagari. Bikorwa bite?

1. Gusobanura uko amatora ari bukorwe.
2. Kuvuga imyanya itorerwa n'inshingano za buri mwanya.
3. Kwiyamamaza cyangwa kwamamazwa.
4. Kugenzura ko ugiye gutorerwa umwanya mu Nama Njyanama y'Akagari yujuje ibisabwa.
5. Kugenzura imyirondoro y'abatora.

6. Gutoresha kuri buri mwanya.
7. Kwandika amazina y'umukandida uhisemo ku rupapuro rw'itora.
8. Gushyikiriza urupapuro watoreyeho uri gutoresha.
9. Kubara amajwi no gutangaza uwatsinze amatora kuri buri mwanya.
10. Kurahiza abatowe kuja mu Nama Njyanama y'Akagari.
 - Abatowe kuja mu Nama Njyanama y'Akagari bavuye mu midugudu barasimbuzwa ku rwego bavuyemo (Imidugudu).
 - Amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umurenge akorwa kimwe n'ay'abagize Inama Njyanama y'Akagari.
 - Kimwe no mu kagari abatowe mu tugari twose ni bo bitoramo abagize Inama Njyanama y'Umurenge.

Ikitonderwa

Amatora y'abayobozi bo hejuru nka Perezida w'Igihugu n'Abadepite akorwa hifashishijwe ibikoresho bikurikira:
Lisiti y'itora: Iba iriho imyirondoro y'abemerewe gutora.
Impapuro z'itora: Ziba ziriho imyirondoro y'abatorwa.
Ubwihugiko: Aho utora yiherera agatora yisanzuye.
Agasanduku k'itora: Aho umaze gutora ashyira urupapuro yatoreyeho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari n'uw'Umurenge ndetse n'abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari n'ubw'Umurenge ntabwo batorwa. Bashyirwaho biciye mu ipiganwa. Abatsindiye ku manota asabwa bahabwa akazi.

Igikorwa cya 4

Muganire ku bundi buryo butari amatora bushobora gukoreshwa kugira ngo abayobozi bagere ku buyobozi.

Twiyemeje ko:

Nitugira imyaka 18 tuzatangira kuja dutora ndetse no kwiyamamariza imyanya y'ubuyobozi dufitiye ubushobozi.



Reka nisuzume

1. Vuga muri make uko amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umurenge akorwa.
2. Ni ibihe bintu by'ingenzi umuntu wiyamamariza kuja muri Njyanama y'Akagari agomba kuba yujuje?



Nsuzuma ngusuzume

1. Vuga muri make uko amatora ya Njyanama y'Akagari akorwa.
2. Sobanura amagambo akurikira:
 - a. Lisiti y'itora:
 - b. Agasandugu k'itora:
 - c. Ubwihugiko:
 - d. Impapuro z'itora:

Imyitozo

1. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari atorwa n'abaturage.
 - b. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ashirwaho biciye mu ipiganwa.
 - c. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari bashirwaho biciye mu ipiganwa.
 - d. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge ni abakozi b'Akarere.
 - e. Inama Njyanama y'Akagari itorwa n'abaturage bose
 - f. Abagize Inama Njyanama y'Umurenge bashirwaho biciye mu ipiganwa.
 - g. Abakozi bo mu bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari ni abakozi b'Akarere.

- h. Abatorewe kuja muri Njyanama y'Akagari bavuye mu y'Umudugudu barasimbuzwa.
 - i. Abatorewe kuja muri Njyanama y'Umurenge bavuye mu y'Akagari ntibasimbuzwa.
 - j. Umunyarwanda wese ufite imyaka 17 yemerewe gutora no gutorwa.
2. Ni ibihe bikoresho by'ingenzi byifashishwa mu matora?

Dukine

Mukine mwigana uko amatora y'abagize Inama Njyanama y'Akagari cyangwa iy'Umurenge akorwa. Mutore abanyeshuri 2 bahagarariye ishuri ryanyu.

4. Isuzuma risoza umutwe wa 6

1. Uzurisha amagambo abura.
 - a. Mu buyobozi bw'Akagari harimo ____ Nshingwabikorwa. n' ____ y'Akagari.
 - b. Akagari gakuriye ____ ikagize.
2. Akagari gatanga izihe serivisi ku baturage ?
3. Vuga abagize inzego z'ubuyobozi bw'Umurenge n'uko bashyirwaho.
4. Umurenge uha abaturage izihe serivisi?
5. Tanga ingero 2 zerekana uko Umurenge n'Akagari bikorana.
6. Inama Njyanama y'Akagari itorwa na bande?
7. Uzurisha ijamba riri ryo interuro zikurikira:
 - a. Abantu bagomba gutorwa bitwa ____.
 - b. Iyo batora babarura ____.
 - c. Abantu batorera mu ____.
 - d. Abantu ____ kugira ngo batorwe .
8. Ni abahe bayobozi b'Akagari cyangwa b'Umurenge bashyirwaho biciye:
 - a. Mu ipiganwa
 - b. Mu matora

IBIDUKIKIJE MU
MURENGE

Mu murenge wacu haguye imvura nyinshi yangiza imyaka itwara n'amazu. Ibyangiritse n'abantu basenyewe ntibiramenyekana. Hazakorwa iki kugira ngo icyo kibazo gikemuke?







1. AMEREKEZO

A. Amerekezo ane y'ingenzi

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku merekezo ane y'ingenzi aboneka ku idira. Hanyuma mwitegereze idira muvuge uko iteye, ibiyiriho n'icyo ikora.

Nsobanukiwe ko:

Amerekezo afasha abantu kumenya ikerekezo bagiyemo .

Amerekezo y'ingenzi aboneka ku idira ni ane.

Ari yo: Amajyaruguru (N), amagepfo (S), iburasirazuba (E) iburengerazuba (W).

Buri gihe idira iba yerekana amajyaruguru (N) n'amagepfo(S) bityo umuntu akiyobora.

Akamaro k'idira

Iyobora abantu ahantu batazi neza.

Ingero:

- Abasirikari bari ku rugamba.
- Abapiloti b'indege mu kirere.
- Abatwara amato mu nyanja.
- Ba mukerarugendo.
- Abasirikari bagendera muni y'amazi.

Igikorwa cya 1

Mushushanye idira maze mwerekane amerekezo 4 y'ingenzi ayibonekaho.



Reka nisuzume

1. Vuga ibyerekezo idira iba yerekana iyo utari watangira kuyikoresha.
2. Sobanura akamaro k'idira.

Imyitozo

1. Tanga ingero 4 z'abantu bakoresha idira mu buzima bwabo bwa buri muni.

2. Sobanura akamaro k'amerekezo.
3. Vuga amerekezo idira ihora yerekana.

Umukino


Mukine umukino w'idira.

B. Ikarita y'Umurenge wa Gikomero.

Igikorwa cya 1

Mwitegereze ikarita muyiganireho muvuge ibyo muyibonaho.

Ikarita y'Umurenge wa Gikomero



C. Ahantu h'ingenzi mu murenge wacu n'ibihakorera

Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri murebe ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge ishuri ryubatsemo ndetse n'ibihakorera.

Igikorwa cya 3

Mwitegereze na none iyo karita muvuge ahantu h'ingenzi haboneka muri uwo murenge hataboneka aho ishuri riri.

Nsobanukiwe ko:

Ahantu h'ingenzi haboneka mu murenge wacu	Ibihakorerwa
Ibigo by'amashuri	Hatangirwa ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha.
Ivuriro	Bavura abarwayi.
Urwibutso rwa Jenocide yakorewe abatutsi.	Tuhibukira abazize Jenocide yakorewe abatutsi.
Ikigo nderabuzima	Hakingirizwa abana n'abagore batwite hakavurirwa abarwayi.
Ivomo rusange	Ni ho tuvana amazi yo gukoresha.
Isoko n'amaduka	Ni ho duhahira cyangwa ducururiza.
Ibiro by'Umurenge	Ni ho dufatira ibyangombwa kandi ni ho hakemurirwa ibibazo by'abaturage.
Amabanki	Ni ho tubitsa tukanabikuriza amafaranga.
Sitasiyo ya polisi	Niho tugeza ibibazo by'abantu bahungabanya umutekano.

Ahandi hantu h'ingenzi ni:

Ibitaro, umusigiti, insengero, kiliziya, amahoteri, ibibuga by'imikino, inzu z'imyidagaduro, inzu z'amakoperative, inzu ndangamurage, icyanya, ikibuga k'indege, ahantu ndangamurage, ibirombe by'amabuye y'agaciro, amashyamba, ingomero n'ahandi ...

Igikorwa cya 3

Muganire ku kamaro k'ibikorerwa ahantu h'ingenzi mu murenge wacu.



Nsuzuma ngusuzume

Serivisi zikurikira zitangirwa hehe?

- a. Imyidagaduro:
- b. Gukingira abana n'abagore batwite :
- c. Kugura no kugurisha:
- d. Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage birebana n'umutekano:
- e. Kubitsa no kubikuza:
- f. Kubika ibintu byaranze amateka y'Igihugu :
- g. Kwigisha ababyeyi uko bategura indyo yuzuye :
- h. Gutega imodoka:
- i. Gutanga ibyangombwa no gukemura ibibazo by'abaturage:
- j. Kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi:

Imyitozo



1. Huza ahantu h'ingenzi (A) n'ibihakorerwa muri (B):

A	B
1. Amabanki	a. Havurirwa abarwayi
2. Isoko	b. Abanyeshuri barahigira
3. Imihanda	c. Hakorerwa ubuhinzi
4. Ibitaro	d. Gucuruza no guhaha
5. Amashuri	e. Kubitsa no kubikuza amafaranga
6. Imirima	f. Gutwara abantu n'ibintu

2.Uzuza izi mbonerahamwe

Ahantu h'ingenzi	Ahantu bahakorera
Amashuri	
	Abacuruzi
Ibitaro	
	Abasirikari
Ibiro by'Umurenge	
	Abapolisi
Ikigo abagenzi bategeramo imodoka	

Igikorwa cya 4

Mukoreshe idira hanyuma murange ahantu h'ingenzi haboneka mu murenge.

Umukoro

Mugende mwigereza ahantu h'ingenzi munyuraho muza cyangwa muva ku ishuri. Mubaze ababyeyi ibihakorera. Mubyandike muzabwire bagenzi banyu ibyo mwagezeho.

Igikorwa cya 5


Buri wese ashushanye ikarita shusho y'Umurenge ishuri ryubatsemo agaragaze ahantu h'ingenzi.

2. IBIDUKIKIJE

A. Amoko y'ibidukikije

Igikorwa cya 1

Itegereze ishusho uvuye ibyo uyibonaho.



Igikorwa cya 1

Mukore urugendoshuri rwo kwitegereza amoko y'ibidukikije biboneka mu murenge ishuri ryubatsemo.

Nsobanukiwe ko:

Ibidukikije ni ibintu byose biboneka hafi yacu. Ibidukikije birimo amoko abiri y'ingenzi ari byo ibidukikije karemano n'ibidukikije bikorwa n'abantu.

1. Ibidukikije karemano

Ibidukikije karemano ni ibyaremwe n'Imana.

Imisozi	Imigezi	Ibirunga
Ibiyaga	Inyanja	Umwuka
Ibishanga	Inyamaswa	Ibibaya
Ibisiza	Ishyamba kimeza	Izuba
Ikirere	Amazi	Ubutaka
Ibimera	Ibyanya	Inzuzi

2. Ibidukikije bikorwa n'abantu

Ibidukikije bikorwa n'abantu ni ibikomoka ku bikorwa by'abantu birimo:

Amazu	Inganda	Ikibuga k'indege
Imodoka	Ibihingwa	Ishyamba
Inzuri	Indege	Ibibuga by'imikino
Amashanyarazi	Imihanda	Imirima y'imyaka

Imyitozo



1. Ni ayahe moko y'ibidukikije aboneka mu murenge mutuyemo?
2. Sobanura itandukaniro riri hagati y'ibidukikije karemano n'ibidukikije bikorwa n'abantu.
3. Uzuza imbonerahamwe ukoresheje ibidukikije bikurikira: inzu, uruzi, indege, ubutaka, umuhanda, umwuka, amashanyarazi, umugezi, urwuri, amazi.

Ibidukikije karemano	Ibikorwa n'abantu



Umukoro

Witegereze amoko y'ibidukikije unyuraho uza ku ishuri cyangwa utaha, ubyandike uzabibwire abandi.

B. Akamaro k'ibidukikije biboneka mu murenge

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku kamaro k'ibidukikije biboneka mu murenge mutuyemo.

Nsobanukiwe ko:

Ibidukikije bifite akamaro ku buryo bukurikira:

Ibidukikije	Akamaro kabyo
Imigezi n'ibiyaga	– Biduha amazi, amafi, binyuramo amato. – Bivamo amazi akorwamo ingufu z'amashanyarazi.

Amashyamba	– Abamo inyamaswa zikurura ba mukerarugendo. – Tuyavanamo ibiti bivamo imbaho, n’ibyo kubaka. – Tuyavanamo amakara n’inkwi. – Akurura imvura, arwanya isuri, ndetse akayungurura umwuka.
Ubutaka	– Tubuhingaho, tubuturaho.
Inyamaswa	– Amatungo aduha inyama, amata, amagi, amafaranga, ifumbire n’impu. – Inyamaswa zo mu gasozi ziha Leta amadovize.
Imisozi, ibibaya, ibisiza n’ibishanga	– Bihingwamo imyaka itandukanye yo kudutunga buri muni.
Imihanda	– Itworohereza gutwara abantu n’ibintu.
Amazu	– Tuyabamo ndetse agakorerwamo n’imirimo itandukanye.
Ibiraro	– Bituma twambuka imigezi n’ahantu hateye nabi.

Imyitozo



1. Huza ibigize ibidukikije n’akamaro kabyo

- | | |
|--------------|------------------------------|
| a. Ubutaka | 1. Ibiti bivamo imbaho. |
| b. Amazi | 2. Amata, inyama, ifumbire. |
| c. Ishyamba | 3. Hahingwa umuceri. |
| d. Igishanga | 4. Buhingwaho imyaka. |
| e. Inka | 5. Ingufu z’amashanyarazi. |
| f. Inkoko | 6. Tuyararamo. |
| g. Inyamaswa | 7. Inyama, amagi n’ifumbire. |
| h. Amazu | 8. Leta izivanamo amadovizi. |


2. Uzuza izi nteruro n'ijambo rikwiye:

- a. Inyamaswa zo mu gasozi zororerwa mu _____.
- b. _____ afasha Leta kugeza serivisi ku baturage.
- c. _____ bifata ubutaka ntibutwarwe n'isuri.
- d. Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu bukorerwa mu _____ cyangwa mu _____.
- e. Kwambuka umugezi bisaba ko uba uriho _____.

C. Kubungabunga no gucunga neza ibidukikije

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku buryo bwo kubungabunga no gucunga neza ibidukikije biboneka mu murenge mutuyemo.

Nsobanukiwe ko:

Twafata neza ibidukikije biri mu Murenge wacu dukora ibi:

- Gutera ibiti n’ibyatsi bifata ubutaka.
- Twororera amatungo mu biraro.
- Tumena imyanda mu bimoteri.
- Gukora amaterasi y’indinganire ahantu hahanamye.
- Gutera ibiti bivangwa n’ibindi bihingwa.
- Kuzitira ibyanya byororerwamo inyamaswa.
- Gutema amashyamba akuze.
- Gucunga neza ibidukikije.

Igikorwa cya 3

Mukore urutonde rw’ibintu abantu basabwa gukora kugira ngo bafate neza ibidukikije. Muhitemo 10 by’ingenzi mubimanike ahashyirwa amatangazo mu kigo cyanyu.

Twiyemeje ko :

Tugiye kujya tubungabunga kandi tunacunga neza ibidukikije kuko bidufitiye akamaro kanini.



Reka nisuzume

1. Sobanura ijambo “ibidukikije”.
2. Vuga ibidukikije biduha ibintu bikurikira:
 - a. Amafi:
 - b. Amakara:
 - c. Amadovize:
 - d. Amashanyarazi:



Nsuzuma ngusuzume

1. Sobanura akamaro ko gutera ibyatsi n’ibiti ku butaka.
2. Wakora iki kugira ngo ufate neza ibidukikije bikurikira:
 - a. Ubutaka:

- b. Imigezi n'ibiyaga:
- c. Amashyamba:
- d. Imihanda:

Imyitozo



1. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Mbere yo gutema ibiti ngomba gusaba abayobozi uruhushya.
 - b. Iyo abantu baragira ku misozi baba bafata neza ibidukikije.
 - c. Usanze umuntu yangiza ibidukikije wahita umufasha.
 - d. Mu muganda hasanwa ibigize ibidukikije byangiritse.
 - e. Buri wese afite inshingano zo kubungabunga no gucunga neza ibidukikije.
2. Wakora iki usanze umuntu amena imyanda mu mugezi?
3. Uzuza izi nteruro n'amagambo aboneye:
 - a. Mbere yo gutema ibiti tugomba gusaba _____. bwo kubitema mu _____.
 - b. _____ inyamaswa zo mu gasozi ntabwo byemewe mu gihugu cyacu.
 - c. Iyo utemye igiti _____ ugomba guhita utera _____.
 - d. Imyanda yose igomba kumenwa mu _____.
 - e. Kororera amatungo mu _____ ni imwe mu ngamba zo kubungabunga no gucunga neza ibidukikije.
 - f. Ni ngombwa gukora _____ ahantu hahanamye hagamijwe kuharinda isuri.

D. Ingaruka zo kutita ku bidukikije

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku ngaruka zo kutita ku bidukikije zaba zarigeze kuba mu murenge wanyu.

Nsobanukiwe ko:

Iyo abantu batita ku bidukikije bagerwaho n'ingaruka zikurikira:

- Imvura itwara ubutaka bwo hejuru hagasigara ubutaka butera.
- Isuri yangiza imihanda, imisozi igatenguka hakaba inkangu.
- Imisozi yambaye ubusa ituma izuba rikara amapfa agatera.
- Iyo abantu banduza amazi abatera indwara ziterwa n'umwanda.
- Kutita ku migezi n'ibiyaga bituma bikama.

Igikorwa cya 3

Mukore urutonde rw'ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije. Muhitemo 4 z'ingenzi muzimanike ahamanikwa amatangazo mu kigo cyanyu.

Twiyemeje ko:

Tugiye kujya:

- Tubungabunga tunacunge neza ibidukikije kuko bidufitiye akamaro.



Reka nisuzume

1. Tanga ingero 4 z'ibintu isuri yangiza.
2. Vuga izina ry'ibyatsi bimera mu kiyaga bigatuma gikama.



Nsuzuma ngusuzume

1. Ni iki gishobara gutuma habaho amapfa?
2. Ni izihe ngaruka ziterwa no kwangiza inkengero z'umugezi cyangwa iz'ikiyaga?

Imyitozo


1. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Guhumanya amazi n'ikirere bitera isuri.
 - b. Tugomba kwita ku bidukikije dukora umuganda rusange.
 - c. Gutema ibiti ukabimaraho bisiga ahantu hambaye ubusa hagatwarwa n'isuri.
 - d. Isuri iterwa n'amazi y'imvura.
 - e. Gukoresha amazi yahumanyijwe bitera indwara.
2. Vuga indwara 4 ziterwa no gukoresha amazi yahumanyijwe.
3. Sobanura ibibi byo gutema ibiti ukabimaraho.

3. ABATURAGE

A. Umubare w'abanyeshuri bari mu kigo cy'amashuri

Igikorwa cya 1

Itegereze ishusho uvuge ibyo uyibonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore ibarura ry'abanyeshuri bari mu kigo cy'amashuri mwigamo mwandike imibare y'abanyeshuri biga mu:

- Myaka ya mbere yose.
- Myaka ya kabiri yose.
- Myaka ya gatatu yose.
- Myaka ya kane yose.
- Myaka ya gatanu yose.
- Myaka ya gatandatu yose.

Igikorwa cya 3

Nimurangiza muhurize hamwe imibare mwabonye mwifashishije imbonerahamwe ikurikira:

Ishuri	Abahungu	Abakobwa	Igiteranyo
Imyaka ya 1			
Imyaka ya 2			
Imyaka ya 3			
Imyaka ya 4			
Imyaka ya 5			
Imyaka ya 6			
Igiteranyo			

Nsobanukiwe ko:

Iyo ushaka kumenya umubare w'abanyeshuri ukora ibarura. Ni igikorwa cyo kubara abanyeshuri ngo umenye ibi:

- Umubare wabo
- Umubare w'abahungu
- Umubare w'abakobwa
- Amazina yabo
- Imyaka yabo
- Ishuri bigamo

Kumenya umubare w'abanyeshuri biga mu kigo byorohera abayobozi n'abakozi b'ikigo kubakorera igenamigambi.

Igikorwa cya 3

Mubarure abanyeshuri mwigana maze mwuzuze imbonerahamwe ikurikira mukurikije imyaka bafite.

Imyaka	Abakobwa	Abahungu	Igiteranyo
Imyaka 8			
Imyaka 9			
Imyaka 10			
Hejuru 10			

Igikorwa cya 3

Muhuze imibare muri iyi mbonerahamwe ikurikira hanyuma muyimanike mu ishuri.

Umwaka wa gatatu _____	
Igitsina	Umubare
Abakobwa	
Abahungu	
Igiteranyo	

Umwitozo


Uzuza izi nteruro

- Mu ishuri ryacu higamo abahungu ____ n'abakobwa ____.
- Mu kigo cyacu higamo abakobwa ____ n'abahungu ____.

B. Umubare w'abakozi bari ku kigo n'akazi bakora

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 3

Mukore ibarura ry'abakozi bakora mu kigo cy'amashuri mwigamo: Abarimu, abayobozi, abakozi bo mu biro, abakozi bo mu gikoni, abakozi bashinzwe isuku, abakozi bashinzwe umutekano.

Igikorwa cya 3

Muhurize hamwe imibare mwabonye mu mbonerahamwe.

Igitsina	Abarimu	Abayobozi	Abandi bakozi
Abagabo			
Abagore			
Igiteranyo			

Nsobanukiwe ko:

Umubare w'abakozi bakora mu kigo cy'amashuri uterwa n'uko kingana, ubwinshi n'ubuke bw'abanyeshuri bacyo.

Abakozi	Ibyo bakora
Abarimu	Kwigisha abanyeshuri amasomo no kubatoza uburere bwiza.
Abayobozi	Kuyobora abanyeshuri n'abandi bakozi bose b'ikigo.
Abakora isuku	Gusukura ubwiherero, ubusitani, amashuri, ibibuga, ...
Abakora mu gikoni	Gutekera abanyeshuri n'abandi bakozi
Abakora mu biro	Kwandika ibizamini, kuyobora ikigo, ...
Abacunga umutekano	Kurinda ibyakwangiza umutungo w'ikigo n'ibyagirira nabi abanyeshuri, abarimu, n'abayobozi.

Igikorwa cya 3

Mwuzuze iyi mbonerahamwe muyimanike mu ishuri mwigamo.

Abarimu		Abayobozi		Abakora isuku		Abakora mu gikoni		Abacunga umutekano	
gabo	gore	gabo	gore	gabo	gore	gabo	gore	gabo	gore



Reka nisuzume

Ibarura rimariye iki abayobozi b'ishuri cyangwa b'Umurenge?



Nsuzuma ngusuzume

Abantu bakurikira bashinzwe iki mu kigo mwigamo?

- Abarimu:
- Abayobozi b'ikigo.
- Abacunga umutekano w'ikigo.
- Abakora isuku mu kigo.

Imyitozo



- Uzuza izi nteruro:
 - Ikigo cyacu gifite abarimu ____ b'abagabo n'abagore ____.
 - Umuyobozi w'ikigo cyacu yitwa ____.
 - Ikigo cyacu gifite abakozi ____ bakora isuku n'abacunga umutekano ____.
 - Mu gikoni cyo ku kigo cyacu hakoreramo abagabo ____ n'abagore ____.
- Huza abakozi bari ku kigo wigamo A n'akazi bakora B

A
1. Umuyobozi w'ikigo
2. Umuyobozi w'amasomo
3. Abarimu
4. Abakozi bo mu gikoni
5. Abakora isuku
6. Abacunga umutekano
7. Abakozi bo mu biro

B
a. Gucunga umutekano w'ikigo.
b. Gusukura ikigo.
c. Kwandika no gufotora ibizamini.
d. Guhagararira ikigo mu buyobozi.
e. Kugenzura uko abanyeshuri biga.
f. Kwigisha abanyeshuri.
g. Gutekera abanyeshuri n'abakozi b'ikigo.

C. Umubare w'abantu batuye mu mudugudu ishuri ryubatsemo

Igikorwa cya 1

Itegereze ishusho uvuye ibyo uyibonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri mu mudugudu ishuri ryubatsemo maze mubaze umuyobozi w'Umudugudu ibi bikurikira:

- Umubare w'abaturage bose batuye mu mudugudu.
- Umubare w'abana batuye mu mudugudu.
- Umubare w'abagore batuye mu mudugudu.
- Umubare w'abagabo batuye mu mudugudu.
- Umubare w'abanyeshuri b'amashuri abanza bari mu mudugudu.

Igikorwa cya 3

Nimuva mu rugendoshuri muhurize hamwe imibare mwabonye mwifashishije imbonerahamwe ikurikira.

Abaturage	Abagabo	Abagore	Abana
Umubare			

Umwitozo







Uzuza izi nteruro:

- Umudugudu ishuri ryacu ririmo utuwe n'abaturage ____.
- Aba baturage barimo abagabo ____, abagore ____, abanyeshuri ____, n'abana ____.

D. Imiturire mu murenge ishuri ryubatsemo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo. Mwitgereze uko Umurenge utuwe mubaze n'abawutuye impamvu bahisemo gutura aho hantu.

Igikorwa cya 3

Muganire ku bituma abantu bahitamo aho batura ndetse n'ibibabuza gutura ahabonetse hose.

Nsobanukiwe ko:

Abantu bahitamo aho batura bitewe n'uburyo bizaborohera kuhatura.

Abantu bahitamo gutura ahantu hari:

- Ibikorwa remezo.
- Imvura ihagije ndetse n'izuba riringaniye.
- Ubutaka bwera n'umutungo kamere.
- Akazi n'umutekano.
- Amazi meza n'amashanyarazi.

Abantu ntibakunda gutura ahantu:

- Hakunda kuba ibiza bitewe n'imvura, izuba, umuyaga cyangwa inkuba.
- Mu manegeka: ahantu batwarwa n'inkangu.
- Hatari ibikorwa remezo biharangwa.
- Hakunze kuba indwara nk'ahaba isazi ya tsetse.
- Hari ubutaka butera ndetse no kuba nta kazi kahaboneka.

Uburyo bwiza bwo gutura mu murenge ni ugutura mu midugudu. Bityo bakabona ibikorwa remezo hafi, iterambere rikoroha. Usanga mu migi haturwa cyane kurusha mu byaro.

Igikorwa cya 4

Muganire ku miturire yo mu mirenge y'umugi n'iy'icyaro.



Reka nisuzume

1. Sobanura ijambo "amanegeka".
2. Sobanura akamaro ko gutura mu midugudu.



Nsuzuma ngusuzume

1. Tanga ingero 4 z'ibintu byatuma abantu bahitamo gutura ahantu aho ari hose.
2. Iyo witegereje iwanyu usanga mutuye mu buryo bwemewe? Sobanura.

Imyitozo



1. Ibarura ni iki?
2. Ni iki cyakubwira ko iwanyu cyangwa abaturanyi bawe batuye mu manegeka?
3. Tanga ingero z'ahantu hatemewe guturwa mu murenge.
4. Kuki abantu bahitamo gutura mu migi kurenza mu cyaro?
5. Tanga ingero z'ibintu byatuma uhitamo gutura ahantu.
6. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Abantu benshi batura ku nkengero z'ikiyaga.
 - b. Ahantu hakunze kuvugwa ko haba indwara z'ibyorezo ntihaturwa.
 - c. Abantu benshi batura mu mpinga y'imisozi.
 - d. Ahantu hari ibikorwa remezo haturwa n'abantu benshi.
 - e. Abantu benshi ntabwo bakunda gutura mu rusiro.
7. Kuki Leta ishishikariza abaturage gutura mu midugudu?

Umukoro


Mu nzira mugende mwigereza imiturire yaho maze muzabiganirire bagenzi banyu.

4. IMIRIMO Y'INGENZI IKORERWA MU MURENGE

A. Imirimo y'ingenzi ikorerwa mu murenge ishuri rihereyemo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyho uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo mugende mwitegereza imirimo ihakorerwa.

Nsobanukiwe ko:

Mu murenge ishuri ryacu ryubatsemo hakorerwa:

- Imyuga n'ubukorikori.
- Imirimo yo mu biro.

Igikorwa cya 3

Muvuge imirimo ababyeyi banyu bakora hanyuma mwuzuze imbonerahamwe ikurikira.

Amazina y'umunyeshuri	Umurimo ababyeyi bakora
1.	1.
2.	2.
3.	3.
4.	4.



Reka nisuzume

1. Tanga ingero 2 z'imirimo ikorerwa mu mirenge ihana imbibi n'uwu mutuyemo idakorerwa mu murenge wanyu.
2. Vuga imirimo ikorerwa aho unyura uva cyangwa ujya ku ishuri.



Nsuzuma ngusuzume

1. Ababyeyi bawe bombi bakora imirimo imwe? Sobanura
2. Niba badakora imwe, ubona ari nde ukora umurimo mwiza? Sobanura.

Imyitozo

1. Tanga ingero 4 z'imirimo ikorwa n'abantu benshi cyane kurusha iyindi.
2. Umaze gukura wumva wakora uwuhe murimo ? Sobanura impamvu ari wo uhisemo.
3. Kuki buri wese asabwa kugira umurimo akora? Sobanura.
4. Vuga akamaro ko kunoza umurimo ukora.

Umukoro

Mubaze abagize umuryango wanyu imirimo bakora hanyuma muyandike, muzabiganirire bagenzi banyu.

B. Uruhare rw'umuryango n'urw'ikigo k'ishuri mu mirimo ikorerwa mu murenge

1. Uruhare rw'umuryango mu mirimo ikorerwa mu murenge

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku ruhare rw'imiryango yanyu mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge.

Nsobanukiwe ko:

Uruhare rw'umuryango mu mirimo ikorerwa mu murenge:

- Gukora umurimo unoze.
- Gufatanya n'abandi mu mashyirahamwe.
- Gutanga umusoro.
- Guhanga imirimo.
- Kwitabira gahunda za Leta.

Umukoro

Mubaze abagize umuryango wanyu uruhare bagira mu guteza imbere umurimo mu murenge. Mubyandike muzabiganirire bagenzi banyu.

2. Uruhare rw'ikigo cy'amashuri mu mirimo ikorerwa mu murenge

Igikorwa cya 1

Itegereze ishusho uvuge ibyo uyibonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku ruhare rw'ishuri ryanyu mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge.

Nsobanukiwe ko:

Uruhare rw'ishuri ryacu mu mirimo ikorerwa mu murenge ari uru rukurikira :

- Kwigisha neza abanyeshuri.
- Kwakira amahugurwa y'abatuye Umurenge.
- Guha akazi abatuye Umurenge.
- Guteza imbere aho ishuri ryubatse.

Igikorwa cya 2

Muge kuganira n'abayobozi b'ikigo cyanyu. Mubabaze uruhare rw'ikigo mu mirimo ikorerwa mu murenge muze kubiganiraho musubiye mu ishuri.



Reka nisuzume

Umuryango wawe ugira ruhare ki mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge mutuyemo?



Nsuzuma ngusuzume

Uzuza izi nteruro n'amagambo aboneye.

- Imisoro ifasha Leta guhanga ____y'abadafite akazi.
- ____ni imwe mu ntego 3 z'lgihugu cyacu.
- Umurimo unoze utuma abantu ____.
- Umurimo ugomba gukorwa neza kandi ku ____.

Umwitozo

Vuga uruhare rw'ikigo k'ishuri wigamo mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge ishuri ryubatsemo.

5. Isuzuma risoza umutwe wa 7

- Idira ni iki? Ikora iki?
- Tanga ingero z'ahantu h'ingenzi mu murenge wanyu
- Uzurisha amagambo abura:
 - Ibidukikije bikorwa n'abantu bitandukanye na ____
 - Ibidukikije bibamo ____ zororerwa mu ____ n'amatungo yororerwa ____.
 - Gufata neza ibidukikije ____ akamaro.
 - Kwangiza ibidukikije ____ ingaruka.
 - Guhumanya ____ n'____ bitera indwara.
- Vuga umubare w'abakozi bakora mu kigo cyanyu.
- Ni hehe hari abaturage benshi mu mudugudu utuyemo?
- Ibarura rimaze iki ?
- Abaturage bakora iki gituma Leta yubaka imihanda, amashuri n'amavuriro?

UBWIKOREZI N'ITUMANAHU



Kaguru yikoreye igitoki yicaye mu modoka ya mubyara we, avuga ko yanga kuyiremererera. Bamutije terefoni ngo ahamagare, ananirwa gushyiramo uwo ashaka guhamagara. Afite ibihe bibazo? Wamufasha ute kubikemura?





1. UBWIKOREZI MU MURENGE

A. Uburyo bukoreshe mu gutwara abantu n'ibintu mu murenge

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku buryo bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu murenge mutuyemo.

Nsobanukiwe ko:

Uburyo bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu murenge wacu burimo ubu bukurikira:

- **Ubwikorezi bwo mu muhanda** bukorwa n'imodoka nini n'intoya, amagare, amapikipiki, rifani, ipunda, indogobe.
- **Ubwikorezi bwo mu kirere** bukorwa n'indege nini n'intoya nka za kajugujugu.
- **Ubwikorezi bwo mu mazi** bukorwa n'ubwato bunini n'ubuto.
- **Ubwikorezi bw'amaboko:** bukorwa n'abantu bakoresheje burankari, ingorofani, ingobyi, igitogotogo n'amagare y'abafite ubumuga.
- **Ubwikorezi bw'umutwe** bukorwa n'abantu bikorera imizigo cyangwa imitwara ku mutwe.
- **Ubwikorezi bwo mu magorofa** / imitwirwa bukorwa na elevateri cyangwa asanseri.

Umwitozo

Huza ubwoko bw'ubwikorezi n'ibikoreshe byifashishwa

- | | |
|-------------------------------|-----------------------|
| a. Ubwikorezi bwo mu muhanda | 1. Elevateri/asanseri |
| b. Ubwikorezi bwo mu kirere | 2. Imodoka |
| c. Ubwikorezi bwo mu mazi | 3. Indege |
| d. Ubwikorezi bwo mu magorofa | 4. Ubwato |


Igikorwa cya 3

Mukore urugendoshuri mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo. Muhagarare ku muhanda mwitegereze uburyo bwose bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu.

B. Ibimenyetso byo mu muhanda biyobora abantu n'ibinyabiziga

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mwongere mwitegereze ibyapa biri hejuru maze muvuge ibyo musanzwe muzi n'icyo bisobanura hanyuma mubiganirire abandi.

Nsobanukiwe ko:

Ibimenyetso byo mu muhanda biyobora abakoresha umuhanda birimo amoko atanu:

- Ibimenyetso biranga
- Ibimenyetso biburira
- Ibimenyetso bibuza
- Ibimenyetso bimurika
- Ibimenyetso bitegeka

Igikorwa cya 3

Mukore urugendoshuri mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo. Mwitegereze ibyapa biri ku mihanda mubiganireho muvuga icyo bisobanura

a. Ibimenyetso biranga

Byerekana ahantu cyangwa ibikorwa by'abantu.




Terefoni



Ahari lisansi



Resitora



Hoteri

b. Ibimenyetso biburira

Ni ibyerekana imiterere y'umuhanda nk'ibivuga ko imbere hari:



Ikibuga k'indege



Abanyamaguru




Aho kwambukira

c. Ibimemyetso bibuza

Ni ibyereka abakoresha umuhanda ibyo babujijwe gukora.



Nta parikingi ihari



Nta nzira ihari




Ntiwemerewe gukata uja iburyo




Ntiwemerewe gukata uja ibumoso

d. Ibimemyetso bitegeka

Ni ibyereka abakoresha umuhanda ibyo bategetswe gukora.



Ahahagarara bisi.



Ikerekezo gitegetswe kunyuramo




Ahategetswe kunyura abanyamaguru

e. Ibimenyetso bimurika

Bikoresha mu masangano y'imihanda. Ahahurira ibinyabiziga n'abantu bajya mu byerekezo bitandukanye.

Ibimenyetso bimurika bigizwe n'amatare atatu afite aya mabara: **Umutuku**, **umuhondo** cyangwa ibara rya **n'icunga** **rihishije** n'icyatsi kibisi.



1. Iyo **itara ry'umutuku** ryatse, ibinyabiziga birahagarara abanyamaguru bakambuka umuhanda.
2. Iyo **itara ry'icyatsi kibisi** ryatse ibinyabiziga biragenda naho abanyamaguru bagategereza ko haza ibara ritukura.
3. Iyo **itara ry'umuhondo** **usa n'icunga rihishije** ryatse riba riteguza kwaka kw'itara ry'umutuku. icyo gihe ibinyabiziga bitambukana ubwitonzi.

e. Ibyapa byo mu muhanda bikoze mu mashushongerero atatu ariyo:

1. Ibikoze mu ruziga birimo ibibuza, ibitegeka n'ibitanga uburenganzira bwo gutambuka mbere.
2. Ibikoze muri mpandeshatu bigizwe n'ibiburira.
3. Ibikoze mu rukiramende biraranga.

f. Amwe mu mategeko agenga abanyamaguru n'abayobozi b'ibinyabiziga

Abanyamaguru	Abayobozi b'ibinyabiziga
Kugendera ku ruhande rw'ibumoso.	Ubahiriza ibyapa byo mu muhanda.
Kwambukira ahagenewe abanyamaguru.	Koresha umuvuduko uringaniye.
Kudakinira mu muhanda.	Reka gutwara wanyoye inzoga
Kureba iburyo n'ibumoso mbere yo kwambuka.	Twarira ikinyabiziga mu kuboko kwawe kw'iburyo.

Twiyemeje ko:

Tuzajya twubahiriza amategeko y'umuhanda twugendamo neza. Tuzajya tubisobanurira bagenzi bacu batabizi.



Reka nisuzume

1. Sobanura akamaro k'ibi bimenyetso bikoreshwa mu muhanda bikurikira:
 - a. Ibimenyetso bimurika.
 - b. Ibimenyetso bibuza.
 - c. Ibimenyetso biranga.
 - d. Ibimenyetso biburira.
2. Ibimenyetso bimurika bikoreshwa hehe mu muhanda?




Nsuzuma ngusuzume

1. Ibimenyetso bikoze muri aya mashushongerero bikora iki?
 - a. Mpandeshatu.
 - b. Uruziga.
 - c. Urukiramende.
2. Vuga nibura ibintu 2 abanyamaguru basabwa gukora igihe bagenda mu muhanda.



1. Uzuza interuro n'amagambo akwiye
 - a. Itara rifite ibara ry'___ iyo ryatse riba riteguza kwaka kw'itara___.
 - b. Itara rifite ibara ry'___ iyo ryatse ibinyabiziga biragenda, ___ bagahagarara.
 - c. Itara rifite ibara ry'___ iyo ryatse ibinyabiziga ___, abanyamaguru ___umuhanda.
2. Ibyapa byo mu muhanda biri mu mashushongero angahe? Yavuge, uvuge n'igisobanuro cya buri shushongero.
3. Huza ibifitanye isano.

a. Ibimenyetso bibuza	1. Abagenzi bambuka
b. Itara ry'umutuku	2. Imiterere y'umuhanda
c. Ibimenyetso biburira	3. Integuza y'itara ritukura
d. Itara ry'umuhondo	4. Imodoka ziratambuka
e. Ibimenyetso biranga	5. Kubangamira abagenzi
f. Itara ry'icyatsi kibisi	6. Kuranga ahantu n'ibikorwa
4. Vuga amoko y'ibimenyetso biyobora abakoresha umuhanda.
5. Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Icyapa	ibyo kerekana
	
	
	

6. Vuga amabara agize ibimenyetso bimurika n'icyo buri bara risobanura.

7. Tanga nibura amategeko abiri agomba kugenga :
 - a. Abanyamaguru.
 - b. Abayobozi b'ibinyabiziga.
8. Shushanya ibyapa bisobanura ibi bikurikira:
 - a. Hafi aha hari ikigo cy'amashuri.
 - b. Hafi aha hari akagunguzi mu muhanda.
 - c. Hafi aha hari isangano ry'imihanda.
 - d. Aha hemerewe guhagarara tagisi gusa.
9. Shushanya ibimenyetso bimurika byo mu muhanda.


Umukoro

Mu nzira munyuramo mwigereze ibimenyetso byo mu muhanda bihari. Muzabibwire bagenzi banyu ndetse n'icyo byerekana.

C. Akamaro k'ibimenyetso byo mu muhanda.

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku kamaro k'ibimenyetso byo mu muhanda hanyuma mubigeho impaka muri rusange.

Nsobanukiwe ko:

Ibimenyetso byo mu muhanda bifite akamaro gakurikira:

- Bigabanya impanuka.
- Birangira abakoresha umuhanda.
- Biburira abakoresha umuhanda.
- Bibuza abakoresha umuhanda gukora ibikorwa byabangamira bagenzi babo.

Imyitozo

1. Tanga akamaro ko kubaha ibimenyetso byo mu muhanda.
2. Ni izihe ngaruka mbi umuyobozi w'ikinyabiziga yahura na zo igihe yasuzuguye ibimenyetso byo mu muhanda?
3. Vuga akamaro k'ibimenyetso byo mu muhanda.
4. Vuga ingaruka mbi zishobora guterwa n'impanuka ikozwe.


Umukoro

Muganire n'ababyeyi banyu ku mikoreshereze iboneye y'umuhanda ndetse n'akamaro ko kubaha bimenyetso byo mu muhanda.

D. Ingorane z'ubwikorezi bwo mu murenge

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri muge kureba ahakorerwa ubwikorezi mu murenge ishuri ryubatsemo. Maze mubaze ingorane ababukora bahura na zo.

Nsobanukiwe ko:

Ubwikorezi bwo mu murenge bukunze guhura n'ingorane zikurikira:

- Impanuka.
- Umubare muke w'ibinyabiziga.
- Imihanda mibi idahagije kandi ifunganye.
- Imvura nyinshi yangiza imihanda, amazi yo mu biyaga no mu migezi azamo umuhengeri, imiyaga igira ubukana bigateza impanuka.
- Abasana ibinyabiziga badahagije.

Igikorwa cya 3

Muganire ku ngorane z'ubwikorezi zo mu murenge mutuyemo.



Reka nisuzume

1. Usibye polisi ni iki kindi gifasha kugabanya impanuka zo mu muhanda?
2. Tanga ingero z'imihindagurikire y'ikirere ishobora gutuma ubwikorezi bukorera mu murenge buhura n'ingorane.



Nsuzuma ngusuzume

1. Tanga ingero 2 z'ibikorwa bikunze gukorwa n'abayobozi b'ibinyabiziga biteza impanuka zo mu muhanda.
2. Ni iki gikunze gutera impanuka ibi bikurikira:
 - a. Ubwato:
 - b. Imodoka:

Umwitozo

Tanga ingero z'ibintu bituma ubwikorezi bwo mu murenge wanyu budatera imbere.

Umukoro


Muganire n'ababyeyi ku ngorane z'ubwikorezi mu murenge mutuyemo. Muzabibwire abo mwigana.

2. ITUMANAHU MU MURENGE

A. Ibikoresho by'itumanaho n'akamaro kabyo

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku bikoresho by'itumanaho biboneka mu murenge mutuyemo hanyuma mubiganirire abandi.

Nsobanukiwe ko:

Mu murenge wacu dukoresha ibi bikoresho by'itumanaho:

Ibikoresho by'itumanaho	Akamaro kabyo
Terefoni	Guhamagara no kohereza ubutumwa.
Mudasobwa	Kohereza ubutumwa.
Megafoni, bafure, mikoro.	Kurangurura.
Agasandugu k'ibitekerezo.	Gushyiramo ubutumwa.
Vuvuzera	Guhamagara
Ifirimbi	Guhamagara
Inzogera	Guhamagara
Radiyo	Amakuru n'ibiganiro.
Tereviziyo	Amakuru n'ibiganiro.

Igikorwa cya 3

Vuga ibikoresho by'itumanaho mutunze iwanyu mu rugo ndetse n'icyo mubikoresha hanyuma ubiganirire abandi.

Imyitozo



- Huza igikoresho k'itumanaho n'akamaro kacyo.
 - Mudasobwa
 - Terefoni
 - Radiyo
 - Tereviziyo
 - Agasanduku
 - k'ibitekerezo
 - Kuvuga amatangazo.
 - Gutanga igitekerezo.
 - Kohereza ubutumwa.
 - Kwitaba no guhamagara.
 - Kwerekana ibyamamazwa.
- Ubonye umuntu akora ibi bikurikira wabigenza ute :
 - Kurira umunara.
 - Kwitabira terefoni ku gutwi kw'iburyo.
 - Gushyira ugutwi ku ndangururamajwi.

2. Uburyo buboneye bwo gukoresha itumanaho n'ingaruka zo kurikoresha nabi

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuye ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Muganire ku ngaruka zo gukoresha nabi itumanaho hanyuma mubigeho impaka.

Nsobanukiwe ko:

Hari uburyo buboneye bwo gukoresha itumanaho	Hari ingaruka zo gukoresha itumanaho nabi
Kutegera ibyuma bisakuza cyane nk'indangururamajwi.	Ibikoresho by'itumanaho bisakuza cyane byica amatwi.
Kwitabira terefoni ku gutwi kw'ibumoso.	Ibyo bikoresho bishobora gutwika abantu n'ibintu.
Kudakinisha ibikoresho by'itumanaho.	Impanuka zaterwa no kurira anteni z'itumanaho.
Kwiga gukoresha neza ibikoresho by'itumanaho.	Gukoresha ibikoresho by'itumanaho utabizi birangirika bigateza igihombo.



Reka nisuzume

1. Tanga ingero z'ibikoresho by'itumanaho bikoreshwa mu murenge mutuyemo.
2. Vuga ibikoresho by'itumanaho byifashishwa mu:
 - a. Kuvuga amakuru n'ibiganiro:
 - b. Kwerekana amakuru n'ibiganiro:
 - c. Kwakira no kohereza ubutumwa:
 - d. Kurangurura amajwi akumvwa n'abantu benshi:



Nsuzuma ngusuzume

1. Tanga ingero 2 zigaragaza uburyo buboneye bwo gukoresha itumanaho.
2. Sobanura muri make ingaruka ziterwa no gukoresha itumanaho nabi.

Umwitozo

Subiza yego cyangwa oya

- a. Iyo umushyitsi ashyize terefone hasi ngomba kuyikinisha
- b. Kwegera ibyuma by'itumanaho bisakuza cyane byangiza amatwi.
- c. Mbere yo gukoresha ibikoresho by'itumanaho mbisabira uruhushya.
- d. Iyo witaba terefone ugomba gukoresha ugutwi kw'iburyo.
- e. Kuvuga cyane kuri terefone byatera uburwayi bw'amatwi.

Umukoro

Muganire n'ababyeyi ku buryo buboneye bwo gukoresha itumanaho n'ingaruka zo kurikoresha nabi. Mubifatire umwanzuro hanyuma muzawubwire abandi.

3. Isuzuma risoza umutwe wa 8

1. Vuga amoko y'ubwikorezi uzi.
2. Uzurisha ijamba ribura:
 - a. Amatara ayobora abanyamaguru n'ibinyabiziga agira amatara yaka ____, ____, ____.
 - b. Ibyapa byo ku muhanda bikoze mu ____ atatu y'ingenzi.
 - c. Ibimenyetso bimurika byo ku muhanda bibamo: ____.
3. Huza ibyapa bikurikira n'icyo bisobanura

Icyapa	ibyo kerekana
	Nta parikingi.
	Hari ikibuga k'indege.
	Nta nzira ihari.
	Aho abanyamaguru bambukira.
	Aho bategera tagisi.
	Ntabwo wemerewe gukomeza.

4. Sobanura ingaruka zo kutubahiriza ibyapa byo ku muhanda.
5. Vuga nibura ibikoresheho 4 uzi by'itumanaho.
6. Bwira abana bangana nawe uburyo bwiza bwo gukoresha terefoni na tereviziyo .

IBINTU BY'INGENZI BYARANZE AMATEKA Y'UMURENGE WACU





Katabirora ntazi gutandukanya ibihe. Avuga ko batashye inyubako z'Umurenge atuyemo amasaka yeze. Yafashwa iki kugira ngo amenye uko yatanga amakuru asobanutse?



1. AMATEKA

Igikorwa cya 1

Itegereze amashusho uvuge ibyo uyabonaho.



Igikorwa cya 2

Mukore urugendoshuri masure ahantu havuga ku mateka y'Umurenge ishuri ryanyu ryubatsemo. Nimusanga ntaho muge ku murenge mubaze ubuyobozi ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge wanyu. Mwongere mubiganireho mugeze mu ishuri.

Nsobanukiwe ko:

Amateka ni ibikorwa by'abantu cyangwa ibintu byabayeho kera. Umurenge uwo ari wo wose uba ufite ibintu by'ingenzi byaranze amateka yawo ni ukuvuga:

- Intwari zawutuyemo cyangwa zawuvutsemo.
- Ibikorwa by'ubutwari byahabereye.
- Inzu z'ibikoresho byakoreshwaga kera.
- Intambara zahabereye.
- Imiyoborere n'ubuyobozi bwabayoboye.
- Ibikorwa by'imyuga byaharanze.

Igikorwa cya 3

Mukore urugendoshuri musure abasaza n'abakecuru batuye kuva kera mu murenge ishuri ryanyu ryubatsemo. Mubabaze ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'uwo murenge hanyuma mwongere mubiganireho mugeze mu ishuri.

Imyitozo



1. Sobanura ijambo «amateka».
2. Ni ibihe bintu waheraho usobanura amateka y'ahantu?
3. Kumenya amateka y'ahantu bimarira iki uyabwirwa ?
4. Ushaka kumenya amateka y'ahantu wayabaza nde?

Umukoro

Muganire n'ababyeyi mubabaze ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge mutuyemo hanyuma muzabiganirire bagenzi banyu.

2. UMURONGO NDANGAGIHE

Igikorwa cya 1

Itegereze ishusho uvuye ibyoyibonaho.



Igikorwa cya 2

Musobanure amagambo akurikira: impitagihe, indagihe n'inzagihe hanyuma muyageho impaka na bagenzi banyu.

Nsobanukiwe ko:

Umurongo ndangagihe uba ugizwe n'ibice bitatu ari byo:

- **Impitagihe** ni igihe cyashize akaba ari na cyo kifashishwa iyo umuntu avugaga ibyabaye kera.
- **Indagihe** ni uyu munsu (none). Ikoreshwa iyo umuntu avugaga ibiri kuba muri iki gihe.
- **Inzagihe** ni igihe kizaza. Ikoreshwa iyo umuntu avugaga ibizaba mu gihe kizaza.

Umurongo ndangagihe ufasha abawukoreshe gusobanura neza igihe ikintu runaka cyabereye.

Umwitozo




Shushanya umurongo ndangagihe ugaragaze ibihe biwuranga

3. GUKOresha UMURONGO NDANGAGIHE

Igikorwa cya 1

Itegereze ishusho uvuye ibyoyibonaho.



Igikorwa cya 2

Mwongere mwitegereze umurongo ndangagihe maze muvuge ibyabaye mu myaka iri ku murongo, mubigeho impaka.

Dusobanukiwe ko:

Abantu bifashisha umurongo ndangagihe bagasobanura ibintu byabaye n'ibizaba mu gihe kizaza.

Ingero:

- 1962: Igihugu cyacu cyabonye ubwigenge.
- 1994: Habaye Jenocide yakorewe abatutsi.
- 2016: Igihugu cyacu cyakiriye Inama y'Afurika yunze ubumwe.
- 2020: Intumbero y'iterambere.

Umurongo ndangagihe ushobora kugufasha kugaragaza amatariki y'ingenzi yizihizwa mu gihugu cyacu buri mwaka:

- Kuwa 1 Mutarama buri mwaka: Ubunani.
- Kuwa 1 Gashyantare buri mwaka: Umunsi w'intwari.
- Kuwa 7 Mata buri mwaka: Kwibuka jenocide yakorewe abatutsi.
- Kuwa 1 Gicurasi buri mwaka: Umunsi w'umurimo.
- Kuwa 1 Nyakanga buri mwaka: Umunsi w'ubwigenge.
- Kuwa 4 Nyakanga buri mwaka: Umunsi wo kwibohora.
- Kuwa 1 Ukwakira buri mwaka: Umunsi wo gukunda Igihugu.
- Kuwa 25 Ukuboza buri mwaka: Noheri.



Reka nisuzume

1. Vuga muri make ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge mutuyemo.
2. Sobanura akamaro k'umurongo ndangagihe.



Nsuzuma ngusuzume

Shushanya umurongo ndangagihe ushyireho umwaka w'amavuko wa:

- 1) So 2) Nyoko 3) Wawe

Umwitozo



1. Iminsi mikuru ikurikira iba ryari:
 - a. Umunsi w'umurimo.
 - b. Umunsi w'intwari.
 - c. Umunsi wo kwibohora.
 - d. Umunsi wo gukunda Igihugu.
2. Amatariki akurikira atwibutsa iki mu mateka y'u Rwanda:
 - a) 7/4/1994: b) 1/7/1962: c) 4/7/1994:

4. Isuzuma risoza umutwe wa 9

1. Iyo usobanura amateka yaranze ahantu wibanda ku ki?
2. Shushanya umurongo ndangagihe ushyireho ibiwugize.
3. Vuga amatariki nibura 3 uzi y'ibintu bikomeye byaranze amateka y'Igihugu cyacu.
4. Amateka y'ishuri ryanyu yaranzwe n'iki?
5. Shushanya umurongo ndangagihe werekane amatariki y'ikiruhuko nibura atatu yubahirizwa mu gihugu cyacu.
6. Ni irihe tandukaniro riri hagati ya:
 - a. Impitagihe n'indagihe.
 - b. Indagihe n'inzagihe.
 - c. Impitagihe n'inzagihe.
7. Ijambo amateka risobanura iki?
8. Mu mvugo isanzwe, tanga interuro irimo ijambo amateka ikunze gukoreshwa. Sobanura.

10. Urugero rw'isuzuma risoza umwaka wa 3

1. Garagaza akamaro ko kubahiriza inshingano za buri wese mu bagize umuryango.
2. Ni ubuhe buryo buboneye bwo gucunga neza umutungo w'umuryango?
3. Vuga ibintu bigaragaza ko abagize umuryango banyurwa n'umutungo wabo.
4. Sobanura uruhare rw'umuryango wawe mu kubungabunga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge mutuyemo.
5. Garagaza uruhare rwawe mu gucunga neza umutungo w'ishuri.
6. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umutungo bwite n'umutungo rusange?
7. Erekanza inzira abantu banduriramo indwara zikurikira :
 - a. Malariya.
 - b. Ubuheri.
 - c. Igituntu.
8. Sobanura uko wakwirinda indwara zikurikira :
 - a. SIDA.
 - b. Ibihushi.
 - c. Ibihara.
9. Vuga muri make uko usukura imyanya ndangagitsina yawe.
10. Subiza Yego cyangwa Oya
 - a. Ni byiza kwihanaguza ikariso umaze kwituma.
 - b. Kwambara amakariso atumye bitera indwara.
 - c. Gusiga isabune imbere mu gitsina bikuramo imyanda.
11. Uzuza izi nteruro n'amagambo akwiriye:
 - a. Nta muntu wemerewe kubuza undi ____ bwe.
 - b. Ni ____zacu gufata neza umutungo w'ishuri.

- c. Si byiza ____ abafite ubumuga.
 - d. Tugomba ____ abafite ubumuga.
 - e. Mu minsi mikuru wirinda ____ no ____ abandi
 - f. Iyo uvuye ku ishuri wirinda ____ mu muhanda.
12. Ni iki wakora ngo witeganyirize?
 13. Ni ryari ibyo wizigamiye bikugoboka ?
 14. Kora urutonde rw'ibintu by'ingenzi 6 iwanyu mutangaho amafaranga.
 15. Vuga abagize inzego z'ubuyobozi z'Umurenge
 16. Sobanura amagambo akurikira :
 - a. Lisiti y'itora.
 - b. Urupapuro rw'itora.
 - c. Ikarita y'itora.
 - d. Agasanduku k'itora.
 - e. Ubwihugiko.
 17. Erekanako zimwe mu ngaruka zo kutita ku bidukikije.
 18. Vuga akamaro k'ibarura.
 19. Tanga ingero abantu bakurikiza mu guhitamo aho batura.
 20. Gutura mu manegeka bigira izihe ngaruka?
 21. Vuga akamaro k'ubwikorezi n'itumanaho ku batuye Umurenge.
 22. Ibihe bitatu by'ingenzi bigaragara ku murongo w'igihe ni ibihe?
 23. Usanze bagenzi bawe bakora ibi bikurikira wabagira iyihe nama?
 - a. Burira intebe mu ishuri.
 - b. Bakinira umupira mu busitani.
 - c. Burira imodoka zigenda.
 24. Sobanura itandukaniro riri hagati:
 - a. Ikarita n'igishushanyo.
 - b. Ikarita n'idira.

11. Inyunguramagambo yo muri iki gitabo cy'Amasomo Mbonezamubano

Agasanduku k'itora: Agasanduku umaze gutora ashyiramo urupapuro rw'itora yatoreyehe.

Amateka: Ibintu byabaye kera, byaranze umuntu cyangwa ahantu.

Ibarura: Igikorwa cyo kubara abantu, ibyo batunze, ibyo bakora cyangwa kubabaza amakuru ukeneye ugamije kubakorera igenamigambi.

Ihindurangano: Uburyo bwo guhindura ingano y'ahantu herekanwa ku ikarita hifashishijwe ibipimo bito.

Ikarita: Ishusho y'ahantu ishushanywa hifashishijwe ihindurangano.

Inama Njyanama: Itsinda ry'abantu rifite mu nshingano kugira inama urwego rwa Leta rihagarariye.

Lisiti y'itora: Urupapuro rukoreshwa mu matora ruba rwanditseho imyirondoro y'abantu bemerewe gutora. Urutonde rw'abazatora.

Ubwihugiko: Akumba utora yihereramo agahitamo umukandida ashaka akamutora mu ibanga, ntawe ubonye uwo ahisemo.

Umudugudu: Urwego rwa mbere mu nzego z'ibanze.

Umuganda: Ibikorwa Abanyarwanda bakorera hamwe by'isuku, by'iterambere, gufata neza ibidukikije cyangwa gufashanya bo ubwabo.

Umurongo ndangagihe: Umurongo wifashishwa mu mateka hagamijwe kumenya igihe amateka runaka yabereye.

Umusoro: Amafaranga atangwa n'abaturage yunganira Leta kugera ku ntego zayo.

Urupapuro rw'itora: Urupapuro ruriho amazina n'amafoto y'abakandida biyamamaje; utora akoresha ahitamo uwo ashaka.